# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*


NO .E-44 TARIKI 16 - 22 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU


Sinzi ko hari igihugu gifite abaturage beza nk'u Rwanda-Perezida Kagame



2

AMAKURU


Icyerekezo 2050 ntikikiri inzozi u Rwanda ruzaba ruteye imbere



9

AMAKURU


Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yahagurukiye indwara n'ibyonnyi byibasira ibihingwa



10

MUNTARA

Musanze: Abavugabutumwa bicuza igihe bataye nta bwizigame



14


# Abarimu bo muri Zimbabwe mu Rwanda bageze kuri 300

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Mu gihe abarimu 143 baturutse muri Zimbabwe bageze i Kigali ku Cyumweru tariki ya 21 Ukuboza 2025, u Rwanda rwishimira ko rumaze kugira abarezi 300 baturutse muri icyo gihugu aho abaje mu cyiciro cya mbere bagaragaje umusaruro ufatika mu burezi.***

Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko kuri uyu wa Mbere tariki ya 22 Ukuboza, abo barimu bashya uko ari 143 baza guhabwa ikaze by'umwihariko mu Ishuri Ryisumbuye rya Ntare Louiselund mu Karere ka Bugesera.

Iyo Minisiteri ihamya ko abo barimu bashya bitezweho gutanga umusanzu ufatika mu bice bikeneye ubufasha mu rwego rw'uburezi hagamijwe kurushaho guharanira intego yo kwimakaza uburezi bufite

KOMEZA KU RUP.3

# U Rwanda rwahagarariwe mu nama yiga kuri RDC muri Uganda



**I Entebbe muri Uganda, habereye inama igamije gushaka ibisubizo ku bibazo by'umutekano muke byakototera Akarere kIbiyaga Bigari**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Rwanda Dr Vincent Biruta, ayoboye itsinda ryahagarariye u Rwanda mu nama idasanzwe yakiriwe na Perezida wa Uganda Yoweri Kaguta Museveni, yiga ku bibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Iyo nama yateraniye mu Ngoro ya Perezida iherereye i Entebbe muri Uganda, ikaba igamije gushaka ibisubizo kuri ibyo bibazo by'umutekano muke biteje impungenge z'itutumba ry'intambara y'Akarere k'Ibiyaga Bigari.

Perezida Museveni yemeje ko yayoboye iyo nama y'umutekano, kandi ko ibiganiro byahabereye byamuhaye imbaraga kuko ibihugu byitabiriye byose byagaragaje ko bikomeza gukorana bya hafi mu rugendo rwo kwimakaza amahoro n'umutekano birambye mu Karere k'Ibiyaga

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Sinzi ko hari igihugu gifite abaturage beza nk'u Rwanda- Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Chairman w'Umuryango RPF- Inkotanyi akaba Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yishimye Abanyarwanda badahwema kugaragaza ko basobanukiwe agaciro ko kunga ubumwe no kwirengagiza igitutu cy'amahanga, ashimangira ko abona nta kindi gihugu gifite abaturage beza nk'u Rwanda.***



**Perezida Paul Kagame yagaragaje uburyo Abanyarwanda basobanukiwe agaciro ko kunga ubumwe**

Mu mpanuro yagejeje ku Banyamuryango ba RPF- Inkotanyi basaga 2 200 bitabiriye Inama Nkuru ya 17 y'uyu Muryango, Perezida Kagame yakomoje ku buryo u Rwanda rwanyuze mu bihe bikomeye birimo na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko ntibaheranwe n'amateka bagaharanira guhuza icyerekezo cyo guharanira iterambere rirambye.

Yagaragaje ko u Rwanda rwikoreye ingaruka ziremereye za Politiki y'amacakubiri, ariko nyuma yo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Abanyarwanda bahisemo kuba umwe no kwimakaza Isano nyakuri y'Ubunyarwanda.

Yavuze ko nubwo abaturage bahisemo kuba umwe, amahanga yakomeje gushaka uko yabatandukanya mu buryo butandukanye ngo u Rwanda rwongere kwisanga mu icuraburindi riyafitiye inyungu, ariko bikananirana.

Aho ni ho yahereye agira ati: "Sinzi ko hari igihugu gifite abaturage beza nk'abacu. Impamvu ndayikubwira: urebye aho tuvuye muri Politiki y'amacakubiri yagejeje kuri Jenoside, ariko tukaba tugeze aho abaturage bari hamwe, n'Isi yose yirirwa ishaka kubasubiza inyuma.

Buriya aho navugaga abantu bo hanze bashaka kudusenya, bashatse kuza no mu Banyarwanda kongera kubatandukanya ngo bajye mu mwiryane abaturage barabananira."

Impuguke mu mateka y'u Rwanda na Politiki y'Akarere k'Ibiyaga Bigari, zivuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yari umusaruro w'imiyoborere mibi yimakaje amacakubiri n'urwango rushingiye ku moko.

Izo mpuguke zihamya ko na wo wari umusaruro w'ubukoloni bwimakaje ibyo kugabanyamo abaturage ibice kugira ngo babone uko babayobora, babasahura ndetse no kubagira ibikoresho byabo, cyane ko basanze u Rwanda ari igihugu cyunze ubumwe kurusha ibindi bihugu bya Afurika.

Amacakubiri ni yo yabaciye intege, abari abavandimwe, inshuti, n'abaturanyi bagiraga itandukaniro rukumbi ry'imirimo bakora, bumvishwa ko batari bamwe kandi batumva ibintu kimwe, umwiryane utangira uko ugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nyuma yo guhagarika iyo Jenoside, Abanyarwanda biyemeje guharanira ko ibyabaye bitazongera ukundi no guharanira u Rwanda rushya aho buri muturage wese angana na mugenzi we imbere y'amategeko.

Perezida Kagame yagarutse no ku zindi ngingo zirimo n'urubyiruko rwa Afurika rukomeje gusaba ibyo rudahabwa n'ubuyobozi, avuga ko guharanira impinduka ari byiza, ariko aboneraho gusaba abayobozi muri RPF- Inkotanyi kudategereza ko urubyiruko rusaba ibyo rwabuze.

# Umusaruro Mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 11.8% mu gihembwe cya 3 cya 2025

KAYITARE Jean Paul

***Umusaruro Mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 11.8% mu gihembwe cya gatatu cya 2025, ugera kuri miliyari 5 525 Frw, uvuye kuri miliyari 4 659 Frw wariho mu gihembwe nk'iki mu 2024.***

Umusaruro mbumbe w'u Rwanda wari kuri 7.8% mu gihembwe cya kabiri cya 2025 mu gihe kandi wari kuri 6.5% mu gihembwe cya mbere cya 2025.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR, cyavuze ko iryo zamuka ryagizwemo uruhare n'urwego rwa serivisi rwageze kuri 57%, ubuhinzi bugira 15%, inganda 22% ndetse n'umusaruro wavuye mu misoro ubarirwa kuri 6%.

Urwego rw'ubuhinzi rwazamutseho 10%, inganda zizamukaho 17% mu gihe urwego rwa serivisi rwazamutseho 10%.

Urwego rw'ubuhinzi muri rusange rwazamutseho 10% bugira uruhare rwa 1.5% ku musaruro mbumbe wose w'igihugu.

Mu rwego rw'ubuhinzi, umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo wiyongereyeho 4%, mu gihe umusaruro w'ibihingwa ngengabukungu wiyongereyeho 35%, ubworozi bwiyongeraho 6%, naho uburobyi bwiyongereyeho 34%.

Iterambere rusange ry'inganda ryageze kuri 17% rigira uruhare rungana na 3.7% ku iterambere rusange ry'umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP).

Mu rwego rw'inganda kandi ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwiyongereyeho 14%, ibikorwa by'ubwubatsi byiyongeraho 20%, mu gihe inganda zitunganya ibicuruzwa (manufacturing) zongereye umusaruro ku kigero cya 14%.

Iterambere ry'inganda zitunganya ibicuruzwa ryatewe ahanini n'izamuka ry'umusaruro w'ibikomoka ku bikoresho nka sima, wazamutseho 44%.

Umusaruro w'ibikomoka ku byuma wazamutseho 28%, naho umusaruro w'imiti wazamutseho 25%. Gutunganya ibiribwa byiyongereyeho 12%.

Iterambere rusange ry'urwego rwa serivisi ryageze kuri 10% kandi ryagize uruhare rwa 5.5% ku musaruro mbumbe w'Igihugu (GDP).

Mu rwego rwa serivisi, ubucuruzi bunini n'ubuciriritse bwiyongereyeho 20%, mu gihe serivisi z'ubwikorezi ziyongereyeho 9%.

Izindi serivisi zijyanye n'itumanaho ndetse n'ikoranabuhanga ziyongereyeho 17%, iz'imari ziyongeraho 10% mu gihe serivisi z'amahoteli n'amaresitora zagabanyutseho 3%.

Serivisiz'ubuyobozibwaLeta ziyongereyeho 7%, serivisi z'uburezi ziyongeraho 5%, naho serivisi z'ubuzima zigabanyukaho 16%.



**Umusaruro Mbumbe w'u Rwanda wazamutseho 11.8% mu gihembwe cya gatatu cya 2025**





# U Rwanda rwahagarariwe mu nama yiga kuri RDC muri Uganda

IBIKURIKIRA URUP.1

Bigari.

Yagize ati: "Nongerewe imbaraga n'ibiganiro ndetse n'ukwiyemeza kw'ibihugu byitabiriye ku gukorana bya hafi mu guharanira kubaka amahoro n'umutekano birambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari."

Ibitangazamakuru byo muri Uganda bitangaza ko abahagarariye ibihugu byabo muri iyo nama idasanzwe, bashimangiye ubushake bwo gukorana mu gushaka igisubizo kirambye.

Intumwa zirangajwe imbere na Dr. Biruta, na zo zashimangiye ko u Rwanda rutazatezuka ku guharanira ko Akarere k'Ibiyaga Bigari kagira amahoro arambye no kubahiriza ibikubiye mu masezerano y'amahoro rwasinyanye na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Bivugwa ko inama yibanze ku ifatwa rya Uvira n'Ihuriro AFC/M23 n'ubushake bwabo bwo kurekura uwo Mujyi uhana imbibi n'u Burundi bwagiye bunagira uruhare mu mutekano muke uhari.

Abayobozi kandi banagarutse ku bibazo byo kutabona ubufasha ku baturage babukeneye muri ako gace, cyane ko abagize umutwe wa AFC/M23 barekuye uwo mujyi bakimukira mu misozi iwuzengurutse, ariko bakaba badashaka kubona wongera kwigarurirwa n'Ingabo za FADRC cyangwa iz'Abarundi n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR bashinjwa gukorana bya hafi.



**Aha yaganiraga n'intumwa z'Ibihugu by'Akarere zitabiriye**

Hagati aho, Perezida wa RDC Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo, yitabiriye Inama y'Abakuru b'Ibihugu by'Umuryango w'Ihuriro ry'Ibihugu bigize Akarere k'Ibiyaga Bigari (ICGLR), na yo yagarutse ku bibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bw'icyo gihugu ayoboye.

Muri iyo nama, Tshisekedi yavuze ko AFC/M23 itarekuye Umujyi wa Uvira, agaragaza ko ibyo bavuze bihabanye n'ukuri kuri ku kibuga.

Ati: "Amakuru tubona atubwira ko ingabo zabo zikigaragara mu Mujyi no mu nkengero zawo, kandi ibice by'ingenzi byinshi bakibirimo, ndetse n'abaturage baracyafatirwa ingamba zikarishye. Gutangaza kuva mu Mujyi ariko ntibikorwe cyangwa ngo bigenzurwe cyangwa ngo hongere gushyirwaho ubuyobozi busanzwe, ibyo ntabwo byafatwa nko kurekura kwa nyako. Ukwizerwa kw'ibikorwa byose gukwiriye gushingirwa ku bikorwa bishobora kugenzurwa, atari amagambo gusa."

Iyo nama yari yitabiriwe n'ibihugu bihuriye muri ICGLR, abahagarariye Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), Umuryango w'Abibumbye, Inzego za ICGLR n'ibindi bihugu byatumiwe.

Muri iyo nama Tsisekedi ntiyihishiriye, kuko yongeye gushinja u Rwanda kuba ari rwo rwafashe Uvira, mu gihe u Rwanda rudahwema kugaragaza ko nta nyungu na zimwe rufite mu kuba rwagaba ibitero mu baturanyi ko ahubwo ruhangayikishijwe n'imikoranire ya FDLR na Guverinoma ya Congo ndetse n'iy'u Burundi.

# Abarimu bo muri Zimbabwe mu Rwanda bageze kuri 300

IBIKURIKIRA URUP.1

ireme mu buryo burambye.

Abo barimu bose bari mu Rwanda ku bw'amasezerano Igihugu cyasinyanye na Zimbabwe mu myaka ine ishize, ateganya ihererekanya ry'abakozi n'ubumenyi mu nzego z'ingenzi nk'uburezi, ubuzima n'ikoranabuhanga mu isakazamakuru n'isakazabumenyi.

Abo barimu bashya baje mu Rwanda babanje guhabwa impanuro muri iki cyumweru aho basobanuriwe inshingano ibategereje mu Rwanda.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta, Umurimo n'imibereho myiza muri Zimbabwe Simon Masanga, yavuze ko amasezerano yo guhererekanya impuguke mu burezi yatangiye gutanga umusaruro.

Yagize ati: "Dufite amasezerano n'u Rwanda yibanda ku guhererekanya impuguke hagati y'ibihugu byombi, ariko ubungubu Zimbabwe ni yo yatangiye kohereza impuguke mu burezi bw'u Rwanda."

Icyiciro cya mbere cyageze mu Rwanda mu myaka ine ishize cyari kigizwe n'impuguke mu burezi 157 kandi bose bishimira uburyo bakiriwe ndetse bakaba babayeho batekanye mu Rwanda.

Uretse abarimu, Zimbabwe yanohereje abaganga n'inzobere mu by'ikoranabuhanga, kandi bakomeje gutanga umusaruro ufatika mu burezi.

Masanga yagize ati: "Dufite n'abahanga mu buvuzi n'impuguke mu by'ikoranabuhanga, ariko abenshi biganje mu burezi kandi bakoze ibikomeye mu Rwanda."

Yakomeje ahamya ko ari abahamaze imyaka ine bigisha mu mashuri atandukanye n'abashya baje, bose bishimiye gukorera mu Rwanda no kugira uruhare mu iterambere ryarwo.

Ati: "Mu byumweru bike bishize, twari mu Rwanda aho twagenzuraga imibereho n'imikorere y'impuguke zacu. Bari banezerewe bidasanzwe kandi bamaze kumenya ururimi gakondo rw'Ikinyarwanda, barisanga mu muryango mugari kandi na Leta y'u Rwanda yishimira umusanzu batanga."

Umubano w'u Rwanda na Zimbabwe, ukomeje gutera imbere nyuma y'uko ibihugu byombi bishyize umukono ku masezerano y'ubufatanye arenga 30 mu nzego zinyuranye.

Muri izo nzego ibihugu byombi byiyemeje gufatanyamo harimo umutekano, serivisi z'igorora, ingufu, ubuzima, ubukerarugendo, uburezi n'ibindi.

Mu minsi ishize, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko u Rwanda rutewe ishema n'umusanzu utangwa n'abarimu ba Zimbabwe, ubwo yari yitabiriye Inama ya ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga i Victoria Falls.

Yagaragaje ko uruhare rw'abageze mu Rwanda mbere rugaragara cyane mu kwigisha imibare n'Icyongereza mu yisumbuye mu gihe abandi bigisha muri Kaminuza y'u Rwanda.

Guverinoma y'u Rwanda ihamya ko abo barimu bashimangira iterambere ry'ubutwererane Igihugu gifitanye na Zimbabwe, by'umwihariko no kugaragaza umusanzu w'abarimu mu kwimakaza umubano w'ubuhahirane bushingiye ku baturage.



**Abarimu143 baturutse muri Zimbabwe bageze i Kigali Cyumweru tariki ya 21 Ukuboza 2025**

# U Rwanda ruritegura kwizihiza umunsi w'Intwari ku nshuro ya 32

KAMALIZA Agnes

***U Rwanda rwatangiye imyiteguro yo kwizihiza umunsi w'Intwari z'Igihugu uzizihizwa ku wa 01 Gashyantare 2026, ukaba uzaba wizihijwe ku nshuro ya 32 aho ufite insanganyamatsiko igira iti: "Ubutwari n'Ubumwe bw'Abanyarwanda, inkingi z'iterambere."***

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe (CHENO), rugaragaza ko umunsi w'Intwari wahariwe kwibuka, gusingiza no kuzirikana ibikorwa bihebuje by'indashyikirwa byaranze Intwari z'Igihugu zitanze zitizigama ziharanira ineza, ubumwe, amahoro n'iterambere by'u Rwanda.

Mu nama itegura umunsi w'Intwari yabaye ku wa 18 Ukuboza 2025, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CHENO Nkusi Deo, yagaragaje ko urwo rwego rugira uruhare mu gutegura politiki yerekeye Intwari z'Igihugu n'itangwa ry'imidali cyangwa impeta by'ishimwe.

Avuga ko umuco w'ubutwari n'ubumwe ari byo byubatse Igihugu kandi ari na byo nkingi yo kugiteza imbere.

Asaba Abanyarwanda gukomeza uwo muco w'ubumwe nkuko bikubiye mu nsanganyamatsiko kandi ko ari bwo buzubaka Igihugu haba muri iki gihe no mu kizaza.

Yagize ati: "CHENO Iributsa ko ubutwari n'ubumwe ari byo byubatse Igihugu cyacu kandi bizakomeza kugiteza imbere. Irakangurira buri wese kuzirikana umurage w'ubutwari; gushima abakitangiye, gukomeza umuco wo gukunda Igihugu, kunga ubumwe, kubana neza no guharanira icyateza imbere Igihugu."

Nkusi yasabye urubyiruko by'umwihariko gukomeza uwo muco w'ubutwari, guhanga ibishya, gukora cyane no gusigasira ibyagezweho, gushimangira ibyiza byagezweho mu mibereho n'imibanire myiza y'Abanyarwanda, hashyirwa imbere ibyubaka umuryango.

Biteganyijwe ko ukwezi k'ubutwari kuzatangira ku wa 04 Mutarama 2026, hakaba hazifashishwa ibitangazamakuru bitandukanye n'imbuga nkoranyambaga mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa biteganyijwe muri uko kwezi birimo; imikino, gutaha ibikorwa by'iterambere byagezweho, ibitaramo n'ibindi.

Ibyiciro by'Intwari u Rwanda ruzirikana harimo; Imanzi; ikaba ari Intwari y'ikirenga yagaragaje ibikorwa by'akataraboneka birangwa n'ubwitange, akamaro n'urugero bihebuje.



Hatangiye imyiteguro yo kwizihiza umunsi w'Intwari z'Igihugu uzizihizwa ku wa 01 Gashyantare 2026

Hari icyiciro cy'Imena, ikaba ari Intwari y'inkwakuzi mu kugaragaza ibikorwa byiza bidasanzwe mu gihugu birangwa n'ubwitange buhebuje, akamaro n'urugero bihanitse.

Hakaza n'Intwari y'Ingenzi iyinga Imena, ikaba inkwakuzi mu kugaragaza ibitekerezo cyangwa ibikorwa by'ingirakamaro birangwa n'ubwitange buhebuje, akamaro gakomeye n'urugero ruhanitse.

# Uburumbuke bw'abagore mu Rwanda bwaragabanyutse



Ubushakashatsi bwa 7 ku Mibereho n'Ubuzima mu Rwanda bwagaragaje ko uburumbuke bwabagore bwagabanyutse

ZIGAMA Theoneste

***Ubushakashatsi bwa 7 ku Mibereho n'Ubuzima mu Rwanda (RDHS7) bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bwa 2025 bwagaragaje ko igipimo cy'uburumbuke mu bagore bafite imyaka iri hagati ya 15 na 49 cyagabanyutse kigera ku bana 3.7, kivuye bana 4.1 cyariho mu 2019–2020.***

Igipimo cy'uburumbuke gisobanura impuzandengo y'abana umugore ategnyijwe kubyara mu buzima bwe bwose. Gisanzwe kibarwa hashingiwe ku mubare w'abana bavuka mu gihugu n'umubare w'abagore bari mu myaka yo kubyara.

Imibare igaragaza ko igipimo cy'uburumbuke cyagiye kigabanyuka uko imyaka igenda ishira, aho cyavuye ku bana 6.1 mu 2005, kigera kuri 4.6 mu 2010, 4.2 mu 2014–15 na 4.1 mu 2019/20, impuguke mu by'imibereho zikagaragaza ko ari iterambere rigaragara u Rwanda rumaze kugeraho mu mibereho y'abaturage.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru, Ignace Kabano, umwarimu w'ibarurishamibare rikoreshwa mu bikorwa muri Kaminuza y'u Rwanda, wihariye ku mibare y'abaturage n'igenamigambi ry'iterambere, yavuze ko iri gabanyuka ari uburyo bwiza bushingiye ku ishoramari ryakozwe ku bushake mu buzima bw'imyororokere n'igenamigambi ry'abaturage.

Yavuze ko mu bihugu aho amakuru ajyanye no kuringaniza imbyaro akiri make, imiryango ikunze guhura n'ingorane zo mu marangamutima n'izo mu bukungu.

Yongeyeho ko u Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu gutuma abagore n'imiryango babona amakuru, bagashyigikirwa, kandi bakagira ubushobozi bwo gufata ibyemezo bijyanye n'imyororokere yabo.

Yahereye kuri politiki zegerejwe abaturage uburyo bwo kubona ibikoresho n'imiti by'ubuzima bw'imyororokere, ndetse n'ubuvuzi bwegerejwe abaturage.

Ati: "Ibi byagize impinduka ziyongera. Kugabanyuka kuva kuri 4.1 mu 2019 kugera kuri 3.7 mu 2025 bigaragaza impinduka ziteranyije za politiki nziza, uburezi, n'itangwa rya serivisi."

Kabano yavuze kandi ko igabanyuka ry'igipimo cy'uburumbuke ritanga amahirwe akomeye ku bukungu bw'u Rwanda.

Kuba umuryango ugira abantu bake bakeneye kwitabwaho bituma bashobora gushora byinshi mu burezi no mu mibereho myiza, naho Leta igashobora gutegura neza iterambere ry'umutungo w'abantu.

Mu gihe u Rwanda rufite intego yo kugira ubukungu bushingiye ku bumenyi, Kabano yavuze ko ingamba zijyanye no kurwanya igwingira ry'abana no kunoza imirire y'abana bizafasha cyane mu guteza imbere ejo hazaza h'ubukungu bw'Igihugu.

**Hari ibikwiye kwitonderwa**

Nubwo icyerekezo ari cyiza, Kabano yaburiye ko igabanyuka rikabije ry'uburumbuke rishobora kugira ingaruka zitateganyijwe.

Yatanze urugero ku bihugu bimwe byateye imbere byagabanyije cyane igipimo cy'uburumbuke, nyuma bigahura n'ikibazo cyo kubura abakozi ndetse hakiyongera abaturage bashaje cyane.

Ati: "Ibyo bihugu byateye imbere ubu biri mu bibazo bikomeye. Nta bakozi bahagije bafite."

Yasabye ko abantu batakwitwara nk'aho kubyara ari ibintu byo kwirengagiza burundu himakajwe iterambere, ashimangira ko abaturage ari ishingiro ry'iterambere rirambye.

Kabano yashimangiye ko ubukangurambaga buhoraho ku bagabo n'abagore ku bijyanye no kubyara mu buryo bushyize mu gaciro bukwiye gukomeza gushyirwa imbere.





# Ihame rya RPF ryo kurwanya ruswa ntirihinduka- Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Chairman w'Umuryango RPF- Inkotanyi, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko kurwanya ruswa ari ihame ryimakajwe n'Umuryango RPF- Inkotanyi mu myaka 31 ishize kandi ko ritazigera rihinduka, cyane ko rishingiye ku mateka no guharanira icyerekezo cy'Igihugu gihamye.***

Ruswa ni icyago kuri sosiyete iyo ari yo yose ku Isi kuko icucura abakire ikibasira abakene, igasenya icyizere cy'inzego, igashegesha iterambere, igahungabanya demokarasi, ikongera ibyaha, igasenya ubukungu, ikazahaza serivisi z'ingenzi nk'ubuzima n'uburezi, ikarema ubusumbane n'umutekano muke.

Ruswa iyobya imikoreshereze y'umutungo wa Leta, igaca intege ishoramari ndetse ikinjirira n'uburenganzira bwa muntu bugahinduka ubucuruzi, kandi aho yageze ntawubazwa inshingano.

Perezida Kagame yavuze ko RPF- Inkotanyi idahwema guhwiturira Abanyamuryango kurwanya ruswa bivuye inyuma.



Perezida Paul Kagame, yavuze ko kurwanya ruswa ari ihame ryimakajwe n'Umuryango RPF Inkotanyi

Mu mpanuro yagejeje ku bitabiriye Inama Nkuru y'Umuryango ya 17 kuri uyu wa Gatanu, Perezida Kagame yagize ati: "Uko kurwanya ruswa ntiguhinduka, igitekerezo cyo kurwanya ruswa mu myaka 31 ishize ntabwo cyahinduka ngo tuvuge ngo noneho ntitugiye kuyirwanya kubera ko twagiye mu gihe cyemera ruswa. Sinzi icyo gihe icyo ari cyo. Ahubwo igihinduka ni uburyo twakoresha kugira ngo uyirwanye, ariko kurwanya ruswa ntibihinduka.

Ingamba ukoresha mu kurwanya ruswa zishobora guhinduka bitewe n'impamvu zintandukanye cyangwa impinduka zabayeho, ariko Igitekerezo cyo kurwanya ruswa ntikijya gihinduka."

Imigabo n'Imigambi (Manifesto) ya RPF Inkotanyi ishyira kutihanganira ruswa mu nkingi icyenda z'ingenzi za Politiki, kikaba atari igikorwa kivugwa nka Politiki gusa ahubwo rikaba ari ihame ryaranze urugamba rwo kubohora Igihugu no kugiteza imbere kugeza uyu munsi.

Manifesto ya RPF- Inkotanyi ishimangira ko umutungo w'Igihugu ari uw'abaturage bose, aho buri Munyarwanda ashishikarizwa kumva ko ari inshingano ze kuwucunga no kuwubyaza umusaruro.

Kurenga kuri iryo hame bifatwa nk'icyaha gikomeye Umunyarwanda wese, by'umwihariko umunyamuryango wa RPF Inkotanyi, aba akoreye Igihugu.

Umuryango FPR Inkotanyi uhamagarira buri muturarwanda wese kurwanya yivuye inyuma uburyo bwose bwa ruswa, harimo ruswa nto, itonesha, kutagira gukorera mu mucyo, icyenewabo, kunyereza umutungo haba mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera.

Uyu Muryango wiyemeje gushyiraho inzego zihariye zirwanya ruswa mu nzego zose, kandi hashyirwaho amategeko n'ibihano bikakaye ku bantu bose bagaragarwaho na ruswa.

Umurango RPF- Inkotanyi wiyemeje gusenya burundu umuco ushingiye ku mateka wo gutanga ruswa mu izina ry'impano cyangwa gutonesha n'icyenewabo, aho kuri ubu ari bimwe mu bigize icyaha cya ruswa kandi byagiye bigaragazwa mu bukangurambaga butandukanye.

Kugeza uyu munsi, u Rwanda rurasoroma amatunda y'uko kwiyemeza kuko kugeza muri uyu mwaka wa 2025 rukomeje kuza ku mwanya w'imbere muri Afurika y'Iburasirazuba mu mbaraga zishyirwa mu kuyirwanya ruswa.

Perezida Kagame yasabye abanyamuryango ba RPF- Inkotanyi gutekereza buri wese ku giti cye ariko bagakorera hamwe bakorera Igihugu cy'u Rwanda, gusa abasaba kumva ko ubwigenge mu mitekerereza bitabuza n'abantu gutekerereza hamwe.

# Mukantaganzwa yanenze Abavoka bakoresha amategeko yavuyeho



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla yibukije abavoka ko urukiko atari akabyiniro

ZIGAMA Theoneste

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama y'Ubucamanza mu Rwanda, Mukantaganzwa Domitilla, yanenze bikomeye bamwe mu bunganira abantu mu mategeko bazwi nk'Abavoka, bakoresha amategeko yavuyeho, ahishura ko na we ubwe yiboneye imanza eshatu baburanyemo bakoresha ayo mategeko atakijyanye n'igihe.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 19 Ukuboza 2025, mu Nama rusange y'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda (RBA) yateraniye i Kigali.

Mu kiganiro yahaye abitabiriye iyo nama kibanze ku mikoranire y'inzego z'ubucamanza (inkiko) n'Abavoka, Mukantaganzwa yavuze ko bitangaje kuba hari abavoka batinyuka kunganira abantu mu nkiko bakoresha amategeko yavuyeho, aho kubanza gushishoza.

Yagize ati: "Ntabwo nababeshya igihe maze mu Rukiko rw'Ikirenga murakizi, ariko maze guhura n'imanza eshatu, aho abavoka bakoresha amategeko yavuyeho, murumva ko ari ikibazo. Ubundi urubanza rurategurwa, ntabwo urutekerereza mu rukiko."

Yababwiye ko kugira ngo bategure neza urubanza bakwiye kubanza gusuzuma ikirego cy'umukiriya bakifashisha amategeko ajyanye n'igihe.

Yibukije ko Komisiyo ishinzwe kuvugurura amategeko yashyizeho amategeko kandi umwavoka w'umunyamwuga akwiye kuyashakisha ku mbuga za murandisi zayo akabona kuburanira abantu yiteguye neza.

Ati: "Iyo mvuze umunyamwuga , akwiye gukurikiza umurongo washyizweho n'inzego nkuru z'ubutabera. Ufashe ikirego ufite mu rubanza ukareba imirongo yatanzwe wavuga uti biragana ahangaha, ku buryo utaniriwe uza kuburana wabwira umukiliya uti icyemezo cy'urukiko kizaba iki, yagukundira aho kwisirisimba mu nkiko, mukiyemeza kugica muri ubwo buryo."

Yabasabye gukomeza gukora ubushakashatsi ku mirongo yatanzwe n'inkiko kugira ngo babashe gukemura ibirego bagejejweho mu buryo bunoze kandi bwisunze ubutabera bunoze.

Kugeza ubu mu Rwanda habarurwa Abavoka basaga 1700 bakora bihoraho, aho Urugaga rwabo mu Rwanda rutangaza ko mu mwaka wa 2025 bunganiye mu mategeko abantu basaga 5 250.

Ni mu gihe kandi bakemuye ibirego 75 binyuze mu buhuza muri 83 bari bagejejejweho mu 2025.

# Twabikurikiye nk'abandi bose- U Rwanda kuri M23 yarekuye Uvira



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yagize icyo ivuga ku bushake bw'Ihuriro AFC/M23 bwo kurekura Umujyi wa Uvira mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ishimangira ko na yo ibikurikiye nk'abandi bose ariko igasanga ari intambwe nziza yo kongera guhuriza impande zombi zihanganye ku meza y'ibiganiro.***

Ku wa 17 Ukuboza, ni bwo AFC/M23 yemeje ko yatangiye kuvana ingabo mu Mujyi wa Uvira ihamya ko bitari bureenze ku wa Kane tariki ya 18 Ukuboza 2025 iki gikorwa kiba cyarangiye.

Bertrand Bisiimwa, Umuyobozi wungirije ushinzwe Ibikorwa bya Politiki, yemeje ko kuva muri uwo mujyi bafashe guhera tariki ya 10 Ukuboza berekeza mu misozi yitaruye Uvira bitari burenze ku wa Kane tariki ya 18 Ukuboza.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, mu kiganiro ka France 24, yavuze ko u Rwanda rwizeye ko iyo ntambwe izafasha AFC/M23 na Guverinoma ya RDC kongera guhurira ku meza y'ibiganiro.

Yagize ati: "Twabikurikiranye nk'abandi bose, ariko gutangaza ibyo kurekura Uvira ni intangiriro nziza. Uyu munsi twizeye ko hazabaho ubushake buzatuma impande zombi zihuriye mu biganiro by'amahoro bya Doha bwo kugaruka ku meza y'ibiganiro bakumvikana ku ngingo esheshatu zitarubahirizwa mu masezerano yasinywe ku wa 15 Ugishyingo."

Minisitiri Nduhungirehe yaboneyeho kunyomoza abayobozi ba RDC n'ab'u Burundi bashinja u Rwanda kugaba ibitero ku butaka bwa Congo kandi ibyo bihugu ari byo byihishe inyuma yo kurenga ku masezerano yo guhosha intambara mu Karere.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko mu cyimbo cy'Ubutatu Butagatifu, muri Congo hari ubutatu bupfuye aho RDC ari umubyeyi (se) w'umwana ari we mutwe w'abajenosideri wa FDLR, na ho umwuka mubi ukaba ingengabitekerezo ya Jenoside iturukaho gutera ibisasu mu baturage b'Abanyamulenge bamaze igihe bagoswe n'Ingabo z'u Burundi mu kubicisha inzara.

Yavuze ko RDC yifatanya n'u Burundi mu kuyobya uburarí bashinja u Rwanda kuba inyuma y'ifatwa rya Uvira by'umwihariko, mu gihe ubufatanye bw'ibyo bihugu n'imitwe yitwaje intwaro byatumye amasezerano y'agahenge atubahirizwa mu mezi atandatu ashize.

Ati: "Ahubwo ni ikibazo cyo kurenga ku masezerano y'agahenge, bitabayeho mu minsi mike gusa ahubwo byakoze kuva hasinywa amasezerano yo ku wa 27 Kamena aho kugaba ibitero by'indege nto zitagira abapilote n'iby'indege z'intambara bitigeze bihagarara mu gihe cy'amezi atandatu."

Yaboneyeho kandi kwikoma Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Burundi Édouard Bizimana wibasiye u Rwanda arushinja kurasa ku butaka bwa Congo kandi byarakozwe n'Ingabo z'u Burundi zarashe i Kamanyola bigatuma Abanyekongo basaga 1000 bahungira i Bugarama.

Minisitiri Nduhungirehe yanahamije ko guhosha intambara muri RDC ari inshingano y'impande zose bireba kugira ngo gushaka igisubizo cya Politiki bishoboke.

Ati: "Ntabwo ushobora gutekereza gusa ku guhosha intambara aho uruhande rumwe gusa ari rwo rukwiye kubahiriza inzira y'amahoro. Nk'uko nabivuze Guverinoma ya RDC ntiyigeze ihwema kurasa ku birindiro bya AFC / M23, ntiyahagaritse kurasa mu bice bituyemo Abanyamulenge, kandi mu by'ukuri ni ukurenga ku masezerano yo guhosha intambara.

Ntabwo igihe uruhande rurashwe rusubije ari bwo abantu bakwiye kuvuga ko habayeho kurenga ku masezerano yo guhosha intambara mu gihe ikibazo kimaze amezi n'amezi."

Minisitiri Nduhungirehe yanasobanuye ibikubiye mu masezerano ya Washington u Rwanda na RDC byashyizeho umukono, akubiyemo ingingo z'umutekano nko kurandura burundu umutwe w'abajenosideri wa FDLR, gukuraho ingamba z'u Rwanda z'ubwirinzi, n'agace k'ubukungu k'isinywa ry'amasezerano y'ubufatanye bw'Akarere mu by'ubukungu.

Ayo masezerano y'ubufatanye mu by'ubukungu azafasha u Rwanda na RDC gukora ishoramari rihuriweho mu nzego zirimo ibikorwa remezo, amabuye y'agaciro, Pariki z'Ibihugu n'Ubukerarugendo n'ibindi.

U Rwanda rwahamije ko rukomeje kuvugana n'ibihugu by'abaturanyi ndetse na Amerika mu rwego rwo gushaka ibisubizo birambye by'amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Iminsi Mikuru ntikagutware ubuzima*

Nubwo kwishima mu bihe by'Iminsi Mikuru ya Noheli n'Ubunani ari ikintu cyiza ku miryango n'Igihugu muri rusange kuko bicuma iminsi yo kubaho, ku rundi ruhande umunezero utagenzuwe ushobora guteza akaga gashobora kuviramo bamwe kubura ubuzima.

Imibare igaragazwa mu bihe bitandukanye by'Iminsi Mikuru, igaragaza ingaruka zimwe na zimwe zo kwinezeza kurengeje urugero, aho impanuka zo mu muhanda ziba nyinshi, abakoresha ibiyobyabwenge bakiyongera ndetse no gusesagura umutungo bigahinduka nk'icyorezo gisiga benshi mu kwicuza.

Impuguke mu by'imitekerereze zivuga ko umunezero ushobora gutuma umuntu yongera imyitwarire imushyira mu kaga, cyangwa bikamwongerera umujagararo utuma adatekereza mu buryo bushyira mu gaciro.

Muri iyi minsi, abantu bongera amahirwe y'ibikorwa bibahuza n'inshuti n'imiryango, bamwe bakabikora bishimira ibyo bagezeho, banagaruka ku masomo, ibibazo n'ibisubizo babonye mu mwaka urangiye n'icyo biteze mu mushya.

Ibyo ni ibiba bigaragaza ko babayeho kandi bafite icyizere cyo gukomeza kubaho no mu mwaka ukurikira, ariko hari ubwo kwinezeza bituma bamwe babura bwa buzima bari bafitiye icyizere.

Ubundi ntibyari bikwiye ko abantu bifuza kubaho bamburwa ubuzima n'umunezero w'igihe gito. Ikibazo cyo gutwarwa n'ibyishimo by'Iminsi Mikuru gisinziriza ubushishozi ntikiri mu Rwanda gusa, ariko ni imyitwarire y'abantu benshi ishobora kwirindwa bigakumira ko hari bamwebahatakariza ubuzima.

Ikigaragaza ko ari ibintu bishobora kwirindwa ni uko nko mu mpera z'umwaka ushize wa 2024 no mu ntangiriro z'umwaka wa 2025, impanuka zagabanyutse mu Rwanda ugereranyije n'indi myaka bitewe n'imbaraga zashyizwe mu bukangurambaga ku kunywa ibisindisha ku bagenda mu mihanda.

Ikindi kandi abantu badahwema kwibutswa ni ukwirinda imyitwarire ihungabanya umutekano n'ituze ry'abandi, kandi imbaraga zishyirwamo zigenda zitanga umusaruro kuko abagihura n'ibibazo by'urusaku rukabije bagabanyutse cyane.

Niba hari ingamba zifatwa n'ubuyobozi zikubahirizwa, birakwiye ko buri wese wishima azirikana ko ubuzima bwe buri mu biganza bye, bityo akwiye kubusigasira akaburinda ibyago bishobora guturuka ku byishimo by'igihe gito bitagenzuwe neza.

# Kirazira gusuka no kohereza amazi y'imyanda mu bishanga-Minisitiri Dr Arakwiye



**Mu Mujyi wa Kigali, Minisitiri w'Ibidukikije Dr Arakwiye Bernadette, abayobozi n'abaturage bitabiriye umuganda udasanzwe**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ibidukikije, Dr Arakwiye Bernadette, yibukije ko bitemewe na gato gusuka cyangwa kohereza amazi n'imyanda mu bishanga, ashimangira ko iyo migirire yangiza bikomeye ibishanga n'urusobe rw'ibinyabuzima rubibamo.***

Ubu butumwa yabutangiye mu Mujyi wa Kigali, aho abaturage n'ubuyobozi bitabiriye umuganda udasanzwe ku wa Gatandatu, tariki ya 20 Ukuboza 2025, wo gutera ibiti no gukusanya imyanda mu gishanga cya Rugenge–Rwintare kirimo gusubiranywa mu buryo bugezweho kimwe n'ibindi bine byo mu Mujyi wa Kigali.

Uyu muganda wari ugamije gushyigikira umushinga wo gusazura no kubungabunga ibishanga, hagamijwe kubifasha gukomeza gutanga umusanzu wabyo mu kurengera ibidukikije no guteza imbere imibereho y'abaturage.

Minisitiri Dr Arakwiye yagize ati: *"Kugira ngo ibishanga bigere ku ntego twifuza, bisaba uruhare rwa buri wese. Kubibungabunga si inshingano za Leta yonyine, ni inshingano rusange."*

*Yunzemo ati:* "Tuributswa *ko kumena imyanda ikomeye mu gishanga cyangwa kuyoherezamo, ari kirazira. Ubikoze mucyahe".*

Yongeyeho ko umushinga wo gutunganya ibi bishanga uzarangira mu mwaka utaha wa 2026, ariko ashimangira ko kubibungabunga bizakomeza no nyuma y'iyo mirimo, binyuze mu bufatanye bw'abaturage n'inzego z'ubuyobozi.

Ibishanga bitanu bigomba gutunganywa ni icya Gikondo, icya Rwampara, icya Rugenge-Rwintare, icya Kibumba n'icya Nyabugogo.

Minisitiri Dr Arakwiye ati: "Imirimo *yo kubisazura izarangira mu mwaka utaha, ariko nk'uko tubizi, ibishanga ni nk'ibindi bikorwa remezo bisaba gukomeza kwitabwaho. Ibyagezweho biratanga icyizere kandi bigaragaza ko turi mu nzira nziza."*

Yasabye abaturage gukomeza kubungabunga ibi bishanga, kwirinda kubisukamo imyanda n'amazi yanduye, no gukomeza gufatanya n'ababifitemo akazi, bityo bakishimira ubwiza n'akamaro kabyo.

Umuturage wo mu Mujyi wa Kigali utuye hafi y'igishanga cya Rugenge–Rwintare, Murego Richard, yavuze ko kubungabunga igishanga ari ikimenyetso cy'iterambere, agaragaza ko mbere kitarabungabungwa cyatezaga ibyago n'ibibazo bitandukanye.

Yagize ati: "Ibi ni amajyambere. Iyo urebye uko igishanga kimeze ubu, ubona ubwiza bw'igihugu burushijeho kugaragara. Mbere aha hahoze hameze nabi, abana bacu bakahishora, ariko ubu bazakura babona isura nziza y'igihugu cyabo."

Ibikorwa bikorerwa muri ibi bishanga bigamije kurwanya imyuzure, kubaka ibikorwa remezo bitangiza ibidukikije, no gusubizamo ibinyabuzima byari byaragabanyutse binyuze mu kugarura umwimerere wabyo.

Ibi bishanga bifite ubuso bungana na hegitari 491, bikaba bigomba gukomeza gukoreshwa mu kuyungurura amazi no kubungabunga ibidukikije.

Mu bikorwa biteganyijwe muri utu duce harimo kubaka ikigo cy'abashyitsi (Visitors' Centre) kizajya gitanga amakuru ku bidukikije by'ibishanga n'uburyo bwo kubirinda, ahantu ho kurebera inyamaswa n'amazi (observation decks), aho kwifotoreza hafi y'amazi, inkingi z'urumuri zigamije umutekano, ibibuga by'imikino itandukanye (umupira w'amaguru, volleyball, basketball), Gym yo hanze, ndetse n'ahantu abana bakinira.

Hazashyirwaho kandi ibikorwa by'ubukungu birimo gukodesha amagare, utubari duto, ahabera ibirori no kumurikira impano, gukodesha ibibuga by'imikino, n'ahagenewe gufatira amafunguro n'ibiribwa byoroheje.

Aho kuruhukira hazaba harimo intebe, ubusitani bw'ibiti n'amazi, ndetse n'ahantu hateganyirijwe ibirori by'umuco (amphitheatre). Abashoramari bazemererwa no gushyiraho ibiyaga bito mu bice bimwe by'ibi bishanga.

By'umwihariko, igishanga cya Nyabugogo kizashyirwamo ibikoresho bigabanya imyuzure yangiza imihanda, hakorwe ikiyaga n'inkengero z'amazi mu rwego rwo kunoza isura y'Umujyi wa Kigali.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA) igaragaza ko mu gishushanyo mbonera cy'ibishanga byo mu Mujyi wa Kigali, hegitari 3,888 zagenewe kubungabungwa by'umwihariko, hegitari 3,851 zigenewe gukoreshwa mu buryo burambye, naho hegitari 1,421 zigenewe gutezwa imbere mu rwego rw'ubukerarugendo n'imyidagaduro.

# Kumpa uburenganzira bwanjye si ibyo ngomba kugusaba mfukamye- Perezida Kagame



Perezida Paul Kagame yIbukije abayobozi ko bagomba kuzuza inshingano abazisaba batagombye guhaguruka

KAMALIZA Agnes

***Njye abafite ibyo bahaguruka basaba, barwanira uko baba babikora kose ndabyumva ndetse impamvu nabyumva, ni uko ari nk'ibyo twakoze natwe tukiri bato kurinda tugera aha, urugamba rwa RPF, amateka ya RPF, ni iki kiyagize ni ukuvuga ngo hari ibyo ungomba, ugomba kubimpa. Abantu bakoresha wenda uburyo butandukanye ariko ni bimwe, kumpa uburenganzira bwanjye ntabwo ari ibyo ngomba kugusaba nkapfukama. Oya.!***

Ubwo ni ubutumwa bwatanzwe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, akaba na Chairman w'Umuryango RPF-Inkotanyi, ubwo yari yitabiriye Inama Nkuru y'uwo Muryango, yateranye kuri uyu wa 17 Ukuboza.

Perezida Kagame yibukije Abanyamuryango ba RPF-Inkotanyi ko badakwiye kuba ba ntibindeba kugeza ku rwego abo bayobora bahagurutse bagaharanira uburenganzira bwabo.

Yabagaragarije ko kandi batagomba gutegereza ababibutsa ko hari ibyo bagomba kubona badahabwa, ahubwo bagomba kuzuza inshingano biyemeje uko bikwiye.

Umukuru w'Igihugu abigarutseho mu gihe bimwe mu bihugu byo mu Karere u Rwanda ruherereyemo birimo; Tanzania na Kenya ndetse n'ibindi byo ku Mugabane wa Afurika bimaze igihe mu myigaragambyo, y'abamagana ubutegetsi, banasaba Leta kuzuza inshingano zayo uko bikwiye no guhangana n'ibibazo byugarije abaturage by'umwihariko urubyiruko.

Imibare y'ishyaka ritavuga rumwe n'ubutegetsi muri Tanzania, Chadema igaragaza ko abaguye mu myigaragambyo mu Ukwakira n'Ugushyingo basaga 2 000, mu gihe muri Kenya kuva 2024, amagana y'abantu bapfuye.

Perezida Kagame ashingiye kuri ibyo bikorwa yagize ati: "Hari ibihe bigezweho ibyo mubona hirya no hino na byo bya politiki by'urubyiruko rusigaye ruhaguruka rukagira ibyo rusaba, uzi ko ari byo! Bakwiriye kugira ibyo basaba, mwebwe RPF tugomba gutegereza ko hari abazatwibutsa ko hari ibyo tubagomba bagomba kubidusaba ubwo twaba twarujuje inshingano zacu?

Aho abantu barinda guhaguruka bati turashaka iki turashaka iki… ubwo ni ukuvuga ngo twarakibuze ntacyo waduhaye ni byo?"

Perezida Kagame yabibukije ko ari umwanya mwiza wo kwisuzuma no gutekereza ku byo bakwiye kuba bakora bikajyanishwa n'icyerekezo gihari.

Yagaragaje ko urubyiruko ari bo ruhanze amaso kandi ari bo bafatwa nk'intangarugero bityo ko urugero batanga ari rwo bazakurikiza muri iki gihe no mu bihe bizaza.

Yabasabye kwimakaza indangagaciro zizatuma abakiri bato babafata nk'icyitegererezo bazashobora kubaka igihugu.

KAMALIZA Agnes

# U Rwanda rwitabiriye Inama Mpuzamahanga mu Busuwisi yiga ku bibazo by'impunzi

***U Rwanda rwitabiriye Inama Mpuzamahanga y'iminsi itatu, yabereye kubera i Genève mu Busuwisi, yigaga ku bibazo by'impunzi no gusuzuma ibyakozwe haba ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'Isi muri rusange.***

Iyo nama yatangiye ku wa 15 Ukuboza 2025, u Rwanda rukaba rwarahagarariwe n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) Ngoga Aristarque.

Iyo nama iba buri nyuma y'imyaka ine, itegurwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi, UNHCR ku bufatanye n'ibihugu bigize uwo muryango mu rwego rwo gusangira amakuru ku bisubizo byagezweho no gufata ingamba nshya ku bibazo bihari.




Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa byUbutabazi, Ngoga Aristarque yahagarariye u Rwanda mu Nama Mpuzamahanga yiga ku bibazo by'impunzi, ibera i Genève mu Busuwisi

U Rwanda ni kimwe mu bihugu byita ku mpunzi n'abimukira, rukaba rucumbikiye impunzi zisaga ibihumbi 14 zo mu bihugu birimo; Repubulika ya Demokarasi ya Congo, (RDC), u Burundi n'ahandi.

Rwiyemeje umusanzu mu kubafasha muri gahunda z'iterambere, zikinjizwa muri gahunda z'Igihugu nk'uburezi, ubuzima, imirimo, kubafasha kubona serivisi z'imari, n'ibindi bibafasha mu mibereho.

MINEMA yemeza ko Rwanda ruzakomeza gufasha impunzi zose zishaka gutahuka, ndetse Minisitiri wa MINEMA Maj Gen (Rtd) Murasira ubwo yari mu nama ya 76 ya UNHCR yabereye i Geneve mu Ukwakira 2025, yashimangiye ubushake bw'u Rwanda mu bikorwa byo kuzirinda no kuzigezaho ubufasha zikeneye.





# Icyerekezo 2050 ntikikiri inzozi u Rwanda ruzaba ruteye imbere



U Rwanda ruzaba ruteye imbere mu 2050

KAYITARE Jean Paul

***Mu cyerekezo 2050, u Rwanda rufite intego yo kuba igihugu gifite ubukungu buteye imbere ku rugero ruringaniye mu 2035 no kuba igihugu gifite ubukungu buteye imbere cyane mu 2050.***

Ibi bisobanuye ko mu 2035 umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu ubariwe ku muturage uzaba urenze Amadolari y'Amerika 4 036; naho mu gihe mu 2050 umusaruro mbumbe w'imbere mu gihugu ubariwe ku muturage uzaba urenze Amadolari y'Amerika 12 476.

Mu nama y'Umushyikirano yabaye mu Ukuboza 2015, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko u Rwanda atari igihugu gishimishwa n'ibintu uko biri, kandi ko Abanyarwanda atari abantu bashimishwa gusa n'aho bageze.

Icyo gihe yagize ati: "Icyerekezo 2020 cyari icyo gukora ibyari bikenewe kugira ngo dushobore kubaho, kandi twisubize agaciro.

Ariko Icyerekezo 2050 kigomba kuba icyo kwihitiramo ejo hazaza, kuko ubu tubishoboye kandi ni byo dukwiye."

Yakomeje agira ati: "Ibi rero, niba twumva ko ari byo, turi hamwe. Ariko ibyo bivuze ko atari umuntu umwe wenyine; ahubwo ni twese, dufatanyije".

Abanyarwanda bazi neza ko kugera ku ntego z'Icyerekezo 2050 bitoroshye ariko bishoboka. Ibi bizasaba imbaraga zidasanzwe no gufata ibyemezo bikomeye.

Bamwe mu rubyiruko rwabyumvise vuba rwafashe ibyemezo bikomeye, ruratinyuka rutangira kwikorera. Rwaretse akazi ka Leta ruhitamo iyi nzira yo kugana mu cyerekezo 2050.

Kuri ubu, urwo rubyiruko rutanga akazi ku magana y'urubyiruko bagenzi babo kandi rucuruza ku isoko mpuzamahanga ibikorwa n'inganda zabo.

Mukasahaha Diane afite uruganda rukora imyenda kandi akayigurisha i Burayi, yatangiranye abakozi babiri ubu akoresha abakozi 400 mu ruganda rwe ruri mu cyanya cy'inganda i Masoro.

Ni ubuhamya yagarutseho ku wa Gatanu tariki 19 Ukuboza mu Nama Nkuru y'Umuryango FPR Inkotanyi, mu kiganiro cyari gifite insanganyamatsiko igira iti 'Kubaka umusingi uhamye w'Igihugu cyacu'.

Agira ati: "Natangiranye n'abakozi babiri dukoresha imashini ya nyonganyonga. Ubu mfite abakozi 250 bafite amasezerano, mbishyurira ubwiteganyirize n'ibijyanye n'ubuvuzi. Abandi bakozi 150 bakora nka nyakabyizi."

Mukasahaha avuga ko uruganda rwe rukora imyenda 10 000 ku munsi, afite icyekerezo ko mu myaka 5 azaba akora ibitambaro bya kotoni (Coton).

Yafashe icyemezo cyo kwikorera nyuma y'uko imishinga nterankunga yari ihagaze. Yize ubuforomo mu Karere ka Karongi ahitwa i Kirinda, amashuri ayakomereza muri KHI (Kigali Health Institute) mu bijyanye n'ubuzima rusange.

Jean Claude Uwizeyemungu na we ufite uruganda rutunganya ibikomoka ku buhinzi mu cyanya cy'inganda mu Karere ka Bugesera, avuga ko yatangiye kwikorera mu 2009 ubwo yari afite imyaka 29.

Mu buhamya bwe avuga ko yatanze akazi ku bakozi 350, abagera kuri 90% ni urubyiruko, agakorana n'abahinzi barenga 27 000. Avuga ko ku munsi uruganda rwe rukora toni 500 za Kawunga.

Kugira ngo abigereho byamusabye kwiyemeza, bituma areka akazi ka Leta yakoraga ahitamo kwikorera. Ashima amahirwe igihugu giha urubyiruko ndetse n'ibikorwa remezo byubatswe kugira ngo bifashe abikorera ariko n'Abanyarwanda muri rusange.

Mutesi Linda Rusagara, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ishoramari rya Leta no kwegeranya Imari muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, yavuze ko icyerekezo 2050 kitahindutse ahubwo ko igikenewe ari ugukora cyane.

Agaragaza ko ikibuga cy'indege cya Bugesera ari kimwe mu bizatuma ubukungu bw'igihugu burushaho kuzamuka.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi, Alice Uwase yagaragaje ko mu kubaka umusingi w'Igihugu, urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, rubigiramo uruhare rukomeye.

Agaragaza ko amabuye y'agaciro mu Rwanda yahozeho kandi ko ubucukuzi bwayo bwatangiye gukorwa guhera mu 1927.

Mu Rwanda, abantu ibihumbi 92 bakora mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Uwase akomeza avuga ko u Rwanda rufite amabuye akenewe cyane ku Isi harimo Coltan, Gasegereti, Wolfram, Lithium, Beryl n'ayandi.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Hon. Yves Iradukunda yavuze ko mu bikorwa byose, ikoranabuhanga ritasigaye.

Uyu munsi 70% bya serivisi ziri ku rubuga Irembo zishobora kuboneka mu gihe kitarenze isaha, bikaba byaragabanyije ugusiragira na ruswa.

Icyerekezo 2050 cyasabwe n'Inama ya 13 y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye mu 2015.

Guhera icyo gihe, habayeho ibikorwa byinshi byo kungurana ibitekerezo n'abafatanyabikorwa n'uruhare rw'abaturage ku byo Abanyarwanda bifuza kugeraho mu 2050.

Itegurwa ry'Icyerekezo 2050 ryashingiye kuri gahunda n'ingamba z'iterambere ziteganyijwe ku rwego rw'Isi n'urw'Akarere u Rwanda ruherereyemo, hagamijwe guhuza intego n'ibipimo bikubiye muri izo gahunda.

Muri izo gahunda harimo Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs), Icyerekezo 2063 cy'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, Icyerekezo 2050 cy'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, n'Amasezerano y'i Parisi ku byerekeye imihindagurikire y'ikirere, n'izindi.

ZIGAMA Theoneste

# Abavoka bunganiye mu mategeko abasaga 5 250 mu mezi 10

***Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda (RBA) rwatangaje ko rwatanze ubufasha mu by'amategeko ku bantu bagera ku bihumbi 5 255, kugera mu mezi 10 ya mbere ya 2025.***

Byagarutsweho na Perezida wa RBA, Me Nkundabarashi Moïse, ku wa Gatanu tariki ya 19 Ukuboza 2025, mu Nama Rusange Ngarukamwaka y'Urugaga rw'Abavoka, aho yashimangiye ko hakomeje gushyirwa imbaraga mu gutanga ubutabera bunoze.

Imibare igaragaza ko RBA mu 2025, yunganiye abantu mu mategeko barimo abana bagera ku 2 728, abatishoboye baburanira mu rukiko rw'ubujurire bagera ku 1 558 ndetse no mu zindi nkinko zitandulanye.

Urwo rugaga nanone rwatanze ubufasha ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bagera kuri 60, Abafite ubumuga 21 n'abandi bagera kuri 24 bahawe ubufasha mu mategeko.

Me Nkandabarashi ati: "Muri uyu mwaka muri rusange Urugaga rwatanze ubufasha mu by'amategeko ku bantu bagera ku 5 255, barimo abagabo 4 498 n'abagore 757."

**Mu 2025, abavoka bakemuye ibibazo 75 binyuze mu buhuza**

KOMEZA KU RUP.10



MINAGARI ikomeje gushyira imbaraga mu guhashya ibyonnyi byibasira ibihingwa

# Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yahagurukiye indwara n'ibyonnyi byibasira ibihingwa

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, MINAGRI, yatangije umushinga witwa BIO-CAP (Biological Control Agents Project), ugamije gufasha abahinzi mu guhangana n'udukoko n'indwara byibasira imyaka, cyane cyane ibirayi n'imyumbati.***

Ni mu gihe MINAGRI ikomeje gushyiraho ingamba zo guhangana n'udukoko twangiza imyaka bigateza abahinzi igihombo gikomeye.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr. Solange Uwituze, yijeje abahinzi ko uyu mushinga uzabafasha kubona umusaruro uhagije.

Ati: "Uyu ni umushinga wo kuzana ikoranabuhanga mu kurwanya cyane cyane indwara n'ibyonnyi byajyaga bituma tutagira umusaruro mwiza, cyane cyane tuvuze nko mu bigori harimo nkongo idasanzwe twajyaga turwana nayo, dutera imiti buri munsi buri munsi ariko turashaka kureba uburyo twazana imbuto zitaribwa na nkongo idasanzwe.

Urebye mu rutoki harimo za kirabiranya ndetse no mu birayi harimo izindi ndwara zajyaga zirya imyaka."

Umuyobozi Mukuru w'umushinga BIO-CAP, Simon Heck, agaragaza ko uzafasha abahinzi kinyamwuga binyuze mu mahugurwa n'ubujyanama mu ikoranabuhanga byose bigamije kuzamura umusaruro no kuwurinda kwangirika.

Agira ati: "Uyu munsi twatangije umushinga mushya witwa 'Bio-Cap' uzagera ku nzego zose zirimo abashakashatsi mu by'ubuhinzi n'abandi bafatanyabikorwa.

Uzafasha cyane abahinzi b'ibirayi, imyumbati ndetse n'abakora ubuhinzi bw'urutoki hagamijwe kubafasha kubona umusaruro mwiza no guhangana n'indwara zibasira ibyo bihingwa."

Mu byo uyu mushinga uzafasha harimo kongerera ubushobozi abashakashatsi b'Abanyarwanda. Dr Uwituze avuga ko binyuze mu ikoranabuhanga abazahugurwa bazagira uruhare mu gukumira indwara z'ibihingwa.

Ati: "Muri iyi minsi twari turimo dukora ku myumbati, ku bigori ndetse n'ibirayi, ubungubu noneho haziyongeramo n'urutoki, hiyongeremo kuzana ikoranabuhanga tutari dusanzwe dufite, twongeremo ndetse nuko abashakashatsi bacu bazajya bajya kwiga cyangwa kujya guhaha ubumenyi bw'igihe gito muri Amerika.

Icyo uyu mushinga ugamije ni ukudufasha kongera ubushakashatsi mu buryo bw'ibikoresho no mu buryo bwo gutyaza abashakashatsi dufite."

Mu ntego z'uyu mushinga harimo gutera inkunga ahazahingwa hegitari zirenga 100 000 zizahingwa mu buryo burengera ubutaka, mu gihe abahinzi barenga 127 000 bibumbiye mu makoperative 425 hirya no hino mu gihugu bazafashwa kubona amasoko no kubungabunga umusaruro wabo.

# Abavoka bunganiye mu mategeko abasaga 5 250 mu mezi 10




Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, Nkundabarashi Moise

IBIKURIKIRA URUP.9

Perezida w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, Me Nkundabarashi Moïse yatangaje ko mu mwaka wa 2025, Urugaga ayoboye rwakemuye ibirego 75 binyuze mu buhuza muri 83 rwakiriye.

Yagize ati: "Turacyafite ibirego 8 bigisuzumwa kandi ntabwo dushidikanya ko bizagerwaho mu gihe cya vuba mbere y'uko uyu mwaka turimo usozwa".

Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rugizwe n'abanyamuryango 1700, bakora bihoraho, Me Nkundabarashi yahamije ko hakomeje gushyirwa imbaraga mu gushyiraho uburyo abaturage bajya babagezaho ibirego hifashishijwe ikoranabuhanga kugira ngo bibarinde gusiragira.

Yavuze ko kandi hakomeje amahugurwa agamije gufasha abavoka gusobanukirwa ibijyanye no gufasha abantu bafitanye ibibazo bigamije kubafasha kwemera icyaha binyuze mu bwumvikane (plea-Bargaining).

Mu 2025 abavoka bagera ku 100 ni bo bahuguwe kuri ubwo buryo bwo gufasha abantu kumvikana binyuze mu kwemera icyaha, aho amahugurwa yatanzwe binyuze mu kigo cyashyiriweho gukemura ibibazo hatisunzwe inkiko (ADR) hagamijwe gushyigikira gahunda za Leta no kwimakaza ubunyamwuga mu butabera bw'u Rwanda.

Mu bindi Urugaga rw'Abavoka rwagezeho mu mwaka wa 2025, ni uko abagera ku 180 bahuguwe ku itegeko rishya rijyanye n'ubuvuzi.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla yasabye Abavoka kwirinda ruswa kugira babashe gufasha abaturage gukemura ibibazo bafitanye.

Ubusanzwe Abavoka mu Rwanda bafite inshingano zo kugira inama, kunganira no guhagararira Abanyarwanda mu nkiko, hari n'ubwo bagira ishingano zo kugira inama Leta.





# U Rwanda rushima umusanzu w'u Burusiya mu gushakira amahoro RDC

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yashimye umuhate w'igihugu cy'u Burusiya mu gushaka ko amahoro n'umutekano bigaruka mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 20 Ukuboza 2025, nyuma y'ibiganiro yagiranye na mugenzi we w'u Burusiya, Sergey Lavrov byibanze ku guteza imbere ubufatanye hagati y'u Rwanda n'u Burusiya, aho abayobozi bombi bari bitabiriye Inama ya kabiri y'abaminisitiri ku bufatanye bw'u Burusiya na Afurika.

Inama ya kabiri y'abaminisitiri ku bufatanye bw'u Burusiya na Afurika yatangiye ku wa Gatanu, tariki ya 19 Ukuboza, i Cairo mu Misiri.

Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga baturutse mu Burusiya, mu bihugu bya Afurika no mu miryango ihuza ibihugu byo mu karere baganiriye ku buryo bwo kurushaho guteza imbere ubufatanye hagati y'u Burusiya na Afurika, hibandwa cyane ku bucuruzi, ubufatanye mu bukungu n'ishoramari.

Mu butumwa yashyize ku rubuga nkoranyambaga rwa X ku wa Gatandatu, Amb. Nduhungirehe yashimiye Lavrov agira ati: Nashimishijwe n'ibiganiro byiza kandi byubaka twagiranye ejo hashize i Cairo.

Yavuze ibihugu byombi byishimiye intambwe imaze guterwa mu Ihuriro ry'Ubufatanye bw'u Burusiya na Afurika, anagaruka ku bufatanye bwiza buri hagati y'ibihugu byombi n'uburyo bwakwagurwa kurushaho.

Yakomeje agira ati: "Twaganiriye kandi ku bibazo biri mu Burasirazuba bwa DR Congo, bituma mbona umwanya wo gushimira mugenzi wanjye ku nkunga ikomeje itangwa na Leta y'u Burusiya mu bikorwa bigamije kugarura amahoro biri gukorwa."




U Rwanda rushima umuhate w'u Burusiya mu gushakira amahoro RDC

Abasesengura politi y'Akarere bavuga ko imyaka myinshi ya politiki mbi n'imiyoborere idahwitse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, byiyongeraho gushyigikira umutwe wa FDLR ku ruhande rwa Leta ya Kinshasa umutwe w'iterabwoba ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 byagize uruhare rukomeye mu gukomeza umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ubu hakomeje imirwano ya hato na hato, hagati y'ingabo za Leta ya Congo zifatanyije n'indi mitwe mu guhangana n'abarwanyi ba M23 yatangiye mu mwaka wa 2021.

Umutwe w'inyeshyamba za M23 wongeye kwiyubaka mu Ugushyingo 2021, utangiza ibitero byo kurwanirira uburenganzira bw'abo mu bwoko bw'Abatutsi n'Abanyamulenge b'Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda bari bakomeje kwibasirwa bakorerwa ihohoterwa, nyuma y'imyaka hafi icumi utagaragara mu mirwano.

Ubu uri mu ihuriro rigari ryiswe Alliance Fleuve Congo (AFC), ryashinzwe mu Ukuboza 2023 rikaba rigizwe n'abaharanira ko RDC igira amahoro arambye.

Umutwe wa AFC/M23 uvuga ko urwana uharanira ko habaho imiyoborere ishyigikira uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, irinda umutekano w'Abanyekongo bose kandi ikemura imizi y'amakimbirane amaze igihe mu gihugu.

Abayobozi bawo batangaje ko biyemeje guca burundu ivangura rishingiye ku moko, ikimenyane, ruswa n'ingengabitekerezo ya Jenoside, kimwe n'izindi ngeso mbi zikigaragara cyane muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Mu myaka ishize, ihuriro rinini ry'ingabo za Leta ya Congo ryashyigikiwe n'u Burundi, ingabo z'umuryango wa SADC, umutwe wa FDLR ndetse n'abacanshuro bo mu bihugu by'iburengerazuba, byarushijeho guteza umutekano muke mu Burasirazuba bwa DR Congo.

Leta ya Kinshasa yakomeje gukurira u Rwanda muri ayo makimbirane n'intambara ibera mu burasirazuba bw'icyo gihugu, irushinja gushyigikira umutwe wa AFC/M23 ibintu rutasibye kwamagana rwivuye inyuma rugaragaza ko nta nyungu rwakuramo.

U Rwanda kandi rwatangaje ko ruzakomeza gushyiraho ingamba z'ubwirinzi ku mupaka uruhuza u Rwanda na DR Congo igihe cyose hazaba hakiri ibyago by'umutekano bituruka ku ngabo za Congo (FARDC) n'imitwe iyifasha nka FDLR, igizwe ahanini n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu ntangiriro z'uyu mwaka, ubwo abacanshuro b'Abanyarumaniya bagera hafi kuri 300 barwaniraga ku ruhande rw'ihuriro ry'ingabo za Leta ya Congo bafatwaga n'inyeshyamba za AFC/M23, u Burusiya ni bwo bwabaye igihugu rukumbi mu bigize Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano cyamaganye guceceka kw'ibihugu by'iburengerazuba kuri icyo kibazo.

Muri Gashyantare, mu nama idasanzwe y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano yateraninye kugira ngo abakagize baganire ku kibazo cy'umutekano muke mu burasirazuba bwa DR Congo.

Uhagarariye u Burusiya muri UN, Vassily Nebenzia, yavuze ko guceceka kw'ibihugu by'i Burayi na Leta Zunze Ubumwe za Amerika kudahuye n'indangagaciro bivuga ko byubahiriza.

Nebenzia yagize ati: "Twese twabonye aba bacanshuro bashyikiriza intwaro zabo ingabo za Loni zishinzwe kubungabunga amahoro (MONUSCO), kandi amashusho agaragaza uko abacanshuro b'Abanyaburayi batashye banyuze i Kigali yakwirakwiye hirya no hino ku Isi.

"Twebwe twumva ko ibyo byabaye bidahuye neza n'uko u Burusiya buzi inshingano MONUSCO yahawe n'Akanama ka Loni gashinzwe Umutekano."

# Nyabihu- Jenda: Umwaka urirenze basiragira ku ngurane z'ahanyujijwe umuyoboro w'amazi

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Jenda, Akarere ka Nyabihu, bavuga ko bamaze umwaka batarahabwa ingurane z'imitungo yabo yangijwe n'umuyoboro w'amazi uhuza Uturere twa Rubavu, Nyabihu na Musanze, uzwi nka Volcano Belt.***

Abo baturage bavuga ko mu bikorwa byo kubaka uwo muyoboro, imitungo yabo irimo imyaka, amashyamba, ibiti by'imbuto ziribwa byangijwe ariko ntibahabwe ingurane yabigenewe. Bavuga ko kuba barabuze ayo mafaranga byabagizeho ingaruka zikomeye zirimo kutabasha kwishyurira abana amashuri no kubura ibibatunga mu buzima bwa buri munsi.

Umwe mu baturage yagize ati: "Birababaje kubona imitungo yacu yarangijwe tukabura ingurane. Twararangije kugaragaza ibyo bangije, barabitubariye ariko umwaka urashize nta faranga na rimwe turabona.



Ahanyuze umuyoboro w'amazi nta ngurane bahawe

Abana bacu bari gusubira ku ishuri ariko nta bushobozi dufite."

Undi muturage avuga ko yabuze umusaruro yari ategereje mu murima w'ibirayi, anenga uko yabariwe igihombo cye.

Yagize ati: "Bambariye nabi umusaruro w'ibirayi nari niteze gukura mu murima wanjye. Nari narahinze neza, niteze umusaruro mwiza, ariko ibyo bangije barabipimye nabi ku buryo amafaranga bambariye adahuye n'igihombo nagize."

Hari n'uvuga ko imirima ye y'ibishyimbo n'ibigori yangijwe, akavuga ko umwaka ushize atarabona ingurane, kandi agahungabanywa n'uko nta ngurane y'ubutaka yigeze abarirwa.

Yagize ati: "Banyangiririje imirima y'ibishyimbo n'ibigori, kugeza ubu umwaka urashize nta faranga ndabona. Ikibabaje kurushaho ni uko nta ngurane y'ubutaka bwacu bigeze batubarira, nyamara ari byo bibeshaho imiryango yacu."

Undi muturage we avuga ko yangirijwe ibiti bitatu by'avoka n'ishyamba byamufashaga kwikemurira ibibazo.

Yagize ati: "Ibiti byanjye bitatu by'avoka byarangijwe, ari byo nakuragamo amafaranga y'ishuri ry'abana, mituweli n'ibindi bikenerwa mu rugo. Banangije n'ishyamba nari mfite, ubu nta n'aho nkura inkwi zo gucana. Ibyo byose byangiritse ntacyo ndishyurwa."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Jenda, Niyonsenga Jeanne d'Arc, avuga ko iki kibazo kiri gukurikiranwa kugira ngo abaturage bahabwe ingurane.

Yagize ati: "Uyu muyoboro w'amazi ni umushinga wa Volcano Belt uhuza Uturere twa Musanze, Nyabihu na Rubavu. Ibikorwa birakomeje[…]

Turakomeza gukurikirana kugira ngo bishyurwe, nubwo umushinga ugikomeje. Nabwira abaturage gukomeza kwihangana kuko mu minsi mike iki kibazo kiraza kubonerwa umuti."

Abaturage basaba ko kwishyurwa kwabo byihutishwa, kuko gukomeza gutegereza bibagiraho ingaruka zikomeye ku mibereho yabo n'iy'imiryango yabo.

# Nyagatare: Biyemeje kubungabunga ibiti bivangwa n'imyaka

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Imirenge ya Musheri na Matimba mu Karere ka Nyagatare baterewe ibiti bivangwa n'imyaka n'umushinga wa REMA ugamije gufasha inzego za Leta n'iz'abikorera kunoza igenamigambi rigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe (NAP) bavuga akamaro byabagiriye, cyane cyane gufata ubutaka bwari bugiye gushirira mu mibande, biyemeza kubibungabunga.***

Bavuga ko bari bamaze kwiheba, imyinshi mu mirima yambaye ubusa, ubutaka bw'imusozi bushirira mu bibaya kubera isuri yabutwaraga iyo imvura yagwaga ari nyinshi.

Mukansanga Léonille utuye mu Mudugudu wa Musheri, Akagari ka Musheri, Umurenge wa Musheri avuga ko batarabona ibi biti batari banazi ko bibaho. Bari bazi ko iyo uteye ibiti mu myaka byanze bikunze biyangiza ntikure.

Ati: "Ariko kubera imiyoborere myiza ya Perezida Paul Kagame, twabonye uyu mushinga NAP uduterera ibi biti turaruhuka. Isuri ntiyongeye kudutwarira ubutaka. Iyo utereye amaso hakurya ubona ari icyatsi gisa. Ibi biti bituma imyaka twahinze yose yera."

Yongeyeho ati: "Aho nahingaga nkeza umufuka w'ibigori cyangwa uw'ibishyimbo ubu ndeza imifuka 3 kuri buri gihingwa. Umusaruro wikubye inshuro 3 kubera ibi biti. Ikindi ni uko iyo bikuze tubikonda tukabona inkwi ducana kuko twese tutaragira ubushobozi bwa gaze."

Ikindi ibyo biti bihagarika umuyaga mwinshi wabasenyeraga.

Sekabanza Bernard ati: "Tutarabibona hano habaga umuyaga mwinshi cyane wasenye inzu nyinshi z'abaturage n'insengero. Ubu iyo uje ibiti birawufata."

Yongeyeho ati: "Kubera akamaro gakomeye cyane twabonanye ibi biti, dufite inshingano zo kubibungabunga no kubyongera kuko n'amababi yabyo agwa hasi aduha ifumbire yiyongera ku yo tuba twateranye n'aho bitari tubihateye hehe n'ubutayu n'inzara muri aka gace."

Niyitegeka Servand, Umuhuzabikorwa w'umushinga NAP mu Turere twa Nyagatare, Kirehe, Rusizi na Nyamasheke avuga ko ibi biti byatewe mu rwego rwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no kuzamura umusaruro.

Ati: "Ibiti tubibona nk'ibidufasha kwakira no kubika imyuka ihumanya ikirere, ari yo itera ubushyuhe bwinshi mu kirere bikatugiraho ingaruka. Twabiteye ku mpamvu ebyiri, iyo gufata bwa butaka bukarwnywaho isuri, n'iyo kugabanya ubukana bw'izuba no kuhagabanya ubutayu n'amaro gakomeye ibiti bifite mu iterambere."



Bemeza ko akamaro k'ibiti bivangwa n'imyaka ari ntagereranywa

Mu Mirenge ya Musheri na Matimba, NAP imaze kuhatera ibiti bivangwa n'imyaka kuri hegitari 1889.

Mu Karere ka Kirehe wahateye ibindi kuri hegitari 1 435, muri Rusizi kuri hegitari 700 na Nyamasheke kuri hegitari 345.







Ibikoresho byo mu nzu byasohowe shishi itabona ibiryo bimwe biramenwa

# Kirehe: Yasohowe mu nzu yaguze n'umugabo umugore atabizi

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Habiyakare Hassan wo mu Mudugudu wa Rugina I, Akagari ka Rwabutazi, Umurenge wa Gatore, Akarere ka Kirehe, araririra mu myotsi nyuma yo gusohorwa nabi mu nzu bivugwa ko yaguze n'umugabo umugore atabizi.***

Ku gicamunsi cyo ku wa Mbere tariki ya 15 Ukuboza, ni bwo umugore witwa Nikuze Jeannette yaje yarubiye asohora ibintu bya Habiyakare byose byari mu nzu ndetse amena n'ibiryo afatanyije na basaza be bari bamugaragiye.

Bivugwa ko Habiyakare yaguze iyo nzu n'umugabo wa Nikuze mu mezi atatu ashize, kandi ngo yari amaze igihe kinini yaratandukanye n'umugabo we ajya kwibera muri Uganda.

Habiyakare yabwiye Imvaho Nshya ko Nikuze yazanye n'abavandimwe be bane bakigabiza urugo rwe bakiva mu gihugu cya Uganda.

Yakomeje avuga ko bakihagera bahise binjira mu nzu basohora ibikoresho byari biyirimo babijugunya hanze noneho agerageje kubabaza ikibibateye bamusobanurira ko iyo nzu ari iyabo kuko batazi iby'ubwo bugure.

Nikuze yamubwiye ko iyo nzu yari ayifatanyije n'umugabo we, bityo Habiyakare atari yemerewe kuyigura mu gihe we atabigizemo uruhare.

Yagize ati: "Natunguwe no kubona umugore witwa Nikuze Jeanette n'abavandimwe be bane bigabiza urugo rwanjye, bakinjira mu nzu ibikoresho byarimo bakabisohora hanze, bakamena n'ibyo kurya byari biyirimo.

Ngerageje kubabuza baranga barananira bambwira ko inzu nari maze imisi nguze atari iyanjye ari iyabo ngo nubwo yagurishijwe uyu mugore ntabyo yari azi."

Habiyakare Hassan avuga ko iyo nzu ayifitiye amasezerano y'ubugure bw'amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni imwe n'igice (1.500.000 Frw), agaragaza ko yayiguze itariki 14 Nzeri 2025.

Yakomeje asaba ubutabera kumurenganura akagumana iyi nzu cyangwa agasubizwa amafaranga yari yarayiguze.

Umunyamakuru wa Imvaho Nshya yagerageje kuvugisha Nzerimana Yasiri uvugwaho kugurisha iyo nzu ku murongo wa telefone ntibyamukundira, ashatse kuvugisha umugore we batakibana na bwo biranga.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatore Manzi Murenzi Vincent, yavuze ko iki kibazo ubuyobozi bw'Umurenge butari bukizi, asaba Habiyakare wasohowe mu nzu kugana ubuyobozi kugira ngo bumufashe.

Agira ati: "Iki kibazo ntabwo twari tukizi, ikindi ntabwo bikwiye ko umuturage abuza amahoro mugenzi we kugeza ubwo amusohoye mu nzu, icyo twasaba Habiyakare ni ukugana ubuyobozi kugira ngo bumufashe"

Manzi yaboneyeho kugira inama abaturage abasaba kubana mu mahoro hirindwa amakimbirane ndetse no kutihererana ibibazo kuko ubuyobozi bubereyeho kubikemura.

# Musanze: Abacururizaga imboga hasi biteze igisubizo ku isoko rya kijyambere

NGABOYABAHIZI Protais

***Abacuruza imboga n'imbuto mu isoko rya Gataraga, mu Murenge wa Gataraga mu Karere ka Musanze, bavuga ko bamaze igihe bahhasi kandi ku zuba, bigatuma umusaruro wabo wangirika vuba ndetse n'abakiliya bakagabanyuka cyane mu bihe by'imvura, none bavuga ko bafite icyizere kuko barimo kubakirwa isoko rya kijyambere.***

Abo bacuruzi bavuga ko imyaka myinshi bamaze bacururiza hasi yatumye benshi bahomba kubera izuba ryangizaga imboga rugikubita, mu mvura ibicuruzwa byabo bikangirika cyangwa bagatakaza abakiliya.

Uwamahoro Ancilla, umaze imyaka irenga 12 acuruza imboga mu isoko rya Gataraga, yagize ati: "Iyo izuba rivuye cyane rihita ritwicira imboga n'imbuto zacu, inyanya n'amacunga ndetse amashu n'izindi mboga zinyuranye bikangirika tugahura n'igihombo, iki kibazo tukimaranye iminsi twari twarumiwe ariko hari inzu batweretse irimo kubakwa tugiye gusubizwa, cyane ko ari ku bisima tuzajya tunasigamo imboga zacu zigasigaramo zirinzwe."

Ukuriye abacururiza mu isoko rya Gataraga Ntwari Joseph, avuga ko abakiliya batizeraga ubuziranenge bw'ibicuruzwa byabo higanjemo imboga n'imbuto.

Yagize ati:"Gucururiza hasi bituma abakiliya batugirira urwikekwe, bavuga ko imboga zacu nta suku. Hari n'igihe dutaha nta kintu tugurishije kandi twavuye mu mirima kure. Iyi nzu tuzajya ducururizamo irimo kubakwa ni wo muti twari dutegereje, natwe tuzayifata neza."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze buvuga ko iki kibazo cyari kiburaje inshinga ngo bwihutiye gushakira igisubizo iki kibazo, bubona abafatanyabikorwa bakaba barimo kubaka isoko rya kijyambere rizatuma abacuruzi basaga 60 barikoreramo mu mutekano, mu isuku ndetse ahantu hajyanye n'igihe.

Clarisse Uwanyirigira, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Musanze ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, yagize ati: "Twabonye ko ikibazo cy'abacuruzi b'imboga n'imbuto cyari gikomeye kandi cyari kimaze igihe. Twashatse abafatanyabikorwa, barimo Kilimo Trust Rwanda kugira ngo bubake isoko rizakira abacuruzi 64, rifite ibisima bibafasha gucururiza ahantu heza, mu isuku no mu buryo bwizewe. Ibi bizazamura ubucuruzi bwabo n'umutekano wabo, ikindi ni uko iri soko ibicuruzwa bizaba bisagutse bizajya biraramo hano birindiwe umutekano."

Yakomeje avuga ko iri soko rizakuraho ikibazo cy'abacuruzi basagutse bacururizaga hanze,

Imirimo yo kubaka iri soko igeze ku kigero cya 90% bikaba biteganyijwe ko rizatahwa mu ntangiriro z'umwaka wa 2026.



Isoko bubakiwe rizatuma batongera gucururiza hasi

# Musanze: Abavugabutumwa bicuza igihe bataye nta bwizigame

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu bavugabutumwa bo mu Karere ka Musanze baravuga ko nubwo bakoreye Imana imyaka myinshi, hari ikibazo gikomeye cyo kutagira ubwizigame buhagije mu gihe bageze mu myaka yegereza izabukuru.***



Bamwe mu bavugabutumwa bishatsemo ibisubizo by'amasaziro nyuma yuko batatangiwe pansiyo n'ababakoreshaga

Bavuga ko bamwe mu bantu bakuru b'amatorero cyangwa amadini batagira ubwiteganyirize, bikabatera ikibazo cyo kutagira uko bibeshaho mu gihe begereza izabukuru.

Bamwe mu bavugabutumwa basaba ko inzego bireba, zirimo amatorero n'amadini, zakwitaho abakozi babo, cyane Abakuru b'Itorero, kugira ngo bazabashe kubaho neza mu gihe batakiri mu murimo.

Bakangurira kandi urubyiruko ruri mu murimo w'ubuvugabutumwa gukomeza kumva ijambo ry'Imana ariko banibuka guteganyiriza ejo hazaza.

Umwe mu Bapasitoro Munyanganizi Gerard, yagize ati: "Nkoreye Imana imyaka myinshi, ariko ubu ndi mu zabukuru kimwe na bagenzi banjye, hari ikibazo cy'ubwizigame. Bamwe biba bibateye ipfunwe kuko twakoze cyane ku nyungu z'Imana ariko tutagize igihe cyo kwiteganyiriza. Ni byiza gukorera Imana, ariko ubuzima bwacu bugomba no guhuzwa n'ibikorwa by'iterambere ryacu bwite, tukagira amasaziro meza."

Pasitoro Muramira Eraste na we yagize ati: "Nakoze umurimo w'ivugabutumwa imyaka myinshi, ariko kubera guhora banyimurira henshi ntabwo nabonye uburyo bwo kwiteganyiriza ku bwanjye ndetse nza no gusanga umukoresha ataranzigamiye, nyamara kuva na kera abasaza bakoreye Imana bagiye basezererwa. Ariko muri iki gihe bamwe mu bayobozi b'amatorero ntabwo bita ku kuba Umuvugabutumwa nagera mu zabukuru, azabaho neza."

Akomeza agira ati: "Ndicuza umwanya nataye kugeza ubwo nsaza nta nzu ngira, twabagaho itorero ridukodeshereza inzu, icyo nakoze ni uko narihiye abana banjye amashuri yenda ni bwo bwiteganyirize bazandwanaho. Kandi Imana ntita intungane."

Pasitoro Muramira akomeza asaba abavugabutumwa kudakomeza kurundurira imbaraga zabo mu buhanuzi, ahubwo bajye bagira ibikorwa remezo bizabafasha mu bihe by'izabukuru,

Abakuru b'amadini n'amatorero na bo basabwa kwita ku bakozi babo babateganyiriza, bakareka guhembera abakozi mu ntoki.

Bucyana Bernard ukuriye abasaza bageze mu za bukuru mu Karere ka Musanze, avuga ko abavugabutumwa bashyizeho uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, aho bashinze ishyirahamwe ORPAR (Organisation des Retraite et des Personnes Agees au Rwanda).

Yagize ati: "Dufite abagize ishyirahamwe bagera kuri 20, tuganira ku bibazo byacu, tukungurana ibitekerezo mu busaza bwacu. Dufite kandi isanduku yacu, aho umuntu utishoboye ashobora gukodesherezwa inzu, kuvurwa, kubona amafaranga y'ishuri ry'abana n'ibindi. Ibi bituma twumva dufite icyerekezo n'ubufasha muri iyi myaka yo gusaza."

Musenyeri Laurent Mbanda ukuriye Eglise Anglican au Rwanda (EAR), yavuze ko kutagira ubwizigame bw'abavugabutumwa ari ikibazo gikomeye kandi cyakemurwa n'amatorero atanga gahunda z'ubwizigame ku bakozi babo.

Yagize ati: "Ni ngombwa ko abakozi b'amadini bagira gahunda y'ubwizigame kuva bakiri bato. Birakwiye ko haba ubufasha bw'amatorero cyangwa gahunda z'Ikigo cy'Igihugu kugira ngo abakozi bazabashe kubaho neza mu zabukuru, ibi rero mu itorero ryacu iki ni ikibazo twakemuye mbere. Nsaba abavugabutumwa kujya batekereza nanone uburyo bazabaho bageze mu za bukuru."

Umuyobozi w'Akarere ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu Karere ka Musanze Kayiranga Theobard, yashimangiye ko ubuyobozi bw'Akarere bufasha abaturage kubona ubufasha bw'ubwiteganyirize, aho abavugabutumwa bashobora kwifashisha gahunda za Leta z'ubwiteganyirize.

Yagize ati: "Abakozi bose, harimo n'abavugabutumwa, bafite uburenganzira bwo kwiteganyiriza ejo hazaza. Ubuyobozi bw'Akarere buhora bushishikariza abakoresha bose abakozi babo, kandi n'abakoreshwa na bo basabwa kwishyiriraho uburyo bwo kwizigamira ku mibereho yabo yo mu zabukuru, bashyiraho nk'ibikorwa remezo."

Amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda ateganya ko abakozi bose, harimo n'abakorera amadini n'amatorero, bagomba kugira uburyo bwo kwizigamira no kwiteganyiriza ku buryo bwo kubaho neza mu zabukuru.

Ibi bikorwa binyuze mu buryo bw'amabanki, amashyirahamwe y'ubwizigame, cyangwa gahunda za Leta zirimo Rwanda Social Security Board (RSSB).

Bityo, abavugabutumwa barasabwa gukorana n'amatorero yabo, bakitabira gahunda z'ubwizigame hagamijwe kubaka ejo hazaza heza, bafite imibereho myiza kandi bahesha agaciro ibikorwa byabo by'ubugabutumwa.

---

NGABOYABAHIZI Protais

# Gakenke: Batewe impungenge n'ikiraro cy'imbaho kitacyihanganira imodoka

***Abakoresha ikiraro cy'imbaho giherereye mu Kagari ka Kagoma, Umurenge wa Gakenke, Akarere ka Gakenke aho cyambukiranya umugezi wa Base, batewe impungenge n'ikiraro cy'imbaho zidigadiga bakaba bafite ubwoba ko gishobora guteza impanuka.***

Aba baturage bavuga ko iki kiraro, cyubakishijwe imbaho n'ibiti, kitagifite ubushobozi bwo kwihanganira imodoka n'abantu benshi, cyane cyane mu bihe by'imvura, bigatuma imigenderanire n'ubuhahirane bihagarara.

Bamwe mu bahinzi b'inanasi bo muri aka gace bavuga ko iki kibazo kibagiraho ingaruka zikomeye, kuko imodoka zajyaga kubafasha kugeza umusaruro wabo ku masoko zitakibasha kugera aho bahinga.

Umwe muri bo witwa Nzitonda Samuel yagize ati: "Twe abahinzi b'inanasi turahomba cyane. Nta modoka ziza gufata umusaruro wacu kubera gutinya iki kiraro. Ibyo tweza birangirika cyangwa tukabigurisha ku giciro gito cyane."

Ababyeyi bafite abana biga hirya no hino na bo bavuga ko babangamiwe bikomeye n'iki kibazo, cyane cyane mu bihe by'imvura nyinshi.

Umubyeyi wo muri Kagoma witwa Mukamana Jacqueline, na we yagize ati: "Iyo imvura iguye, tugira ubwoba bwinshi. Abana bacu banyura kuri iki kiraro bajya

KOMEZA KU RUP.15





# Gakenke: Batewe impungenge n'ikiraro cy'imbaho kitacyihanganira imodoka



Iki kiraro giteje inkeke abaturage bakinyuraho kimwe n'ibinyabiziga

IBIKURIKIRA URUP.14

ku ishuri, tukagira impungenge ko imvura ishobora kugitwara cyangwa kikabagwaho."

Si abaturage gusa babangamiwe, kuko n'abashoferi batwara imodoka nto, zirimo Daihatsu, bavuga ko batagishobora kwinjira muri uyu murenge uzwiho guhinga inanasi, ibisheke n'ibindi bihingwa byinjiriza abaturage.

Umwe mu bashoferi yagize ati: "Sinshobora gushyira imodoka yanjye kuri kiriya kiraro. Kuko cyakwangirika byoroshye kandi ushobora kukinyuzaho imodoka kigashwanyuka. Ibyo bituma tutagera ku bacuruzi bajya kurangura imyaka, bityo ubucuruzi bukahazaharira."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Niyonsenga Aimé François, yavuze ko iki kiraro cyashyizwe ku rutonde rw'ibindi biraro bizakorwa mu buryo burambye muri aka Karere.

Yagize ati: "Iki kibazo k'iyangirika ry'iki kiraro kirazwi. Mu rwego rwo kwirwanaho, Akarere ku bufatanye n'abaturage twabanje gushyiraho imbaho n'ibindi biti kugira ngo nibura abanyamaguru n'imodoka nto zoroshye babashe kuhanyura. Ariko igisubizo kirambye kirimo kuza."

Yakomeje avuga ko, ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Ubwikorezi (RTDA), hateganyijwe kubakwa ikiraro kirambye kizubakishwa ibyuma.

Yagize ati: "Rwiyemezamirimo yamaze guhabwa isoko, kandi ubu yatangiye gukusanya ibyuma bizubakishwa iki kiraro. Ibi bizafasha mu koroshya imigenderanire n'ubuhahirane by'abaturage, ku buryo nibura mu ntangiriro z'umwaka wa 2026 imirimo yo kubaka iki kiraro izaba yatangiye."

Abaturage basaba ko iki gikorwa cyihutishwa, kugira ngo barusheho gutekana no kongera kwiteza imbere binyuze mu buhinzi n'ubucuruzi butabangamiwe n'ibikorwa remezo bidahagije.

Gusa ubuyobozi bw'Akarere kwa Gakenke buhamya ko bwatangiye kuhageza ibyuma kugira ngo iki kiraro gitangire gukorwa mu buryo burambye.

---

# Nyamasheke: Bakekwaho gukura umunyeshuri amenyo bamuhora umukobwa

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mugenzi Janvier w'imyaka 37 na Nshimiyimana Emmanuel w'imyaka 38 bo mu Kagari ka Shara, Umurenge wa Kagano, Akarere ka Nyamasheke, barashakishwa bakekwaho gukubita bagakura amenyo atatu Niyonsenga Léon w'imyaka 23 wiga mu wa 6 w'amashuri yisumbuye, bamuhora umukobwa bigana.***

Niyonsenga ni umunyeshuri wiga mu Rwunge rw'Amashuri (G.S.) Shara mu Murenge wa Kagano, bikaba bivugwa ko abamukoreye urugomo bamukuye amenyo atatu nyuma yo kumusanga yaje gusura uwo mukobwa witwa Nagizemariya Marie w'imyaka 20 bigana mu ishuri rimwe.

Bivugwa ko abo bagabo bashakishwa nyuma yo kumuhohotera ari abagabo ba bakuru w'uyu mukobwa bivugwa ko batungiwe agatoki ko yaje iwabo wa Nagizemariya, ari na ho bamukubitiye.

Umuturage w'aho urwo rugomo rwakorewe yavuze ko uwo musore bari baramubujije gukomeza gukururana n'uwo mukobwa bigana mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.

Ati: "Ubusanzwe aba bombi barigana mu wa 6 wisumbuye muri GS Shara muri aka Kagari. Amakuru duhabwa avuga ko bafitanye ubushuti bariya bagabo ba bakuru b'uyu mukobwa badashaka, bakaba barababujije gukundana, baranga bakomeza urukundo rwabo, bakanasurana."

Arakomeza ati: "Ubwo aba bagabo bari kuri santere y'ubucuruzi iri aha ku i Shara banywa inzoga, bahamagawe na nyirabukwe ababwira ko n'ubundi umukobwa we ari kumwe n'uwo musore mu nzu, yaje kumusura. Bahise baza, bamusangamo baramufata baramukubita kugeza bamukuye amenyo atatu."

Avuga ko induru zavuze bamaze kumugira intere gutyo banamukuye amenyo, abatabara bahageze abo bagabo bombi bahita bacika, na ho umusore ahita ajyanwa ku Kigo Nderabuzima cya Nyamasheke.

Undi muturage uri mu nzego z'ubuyobozi muri uyu Mudugudu, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu musore bamujyanye kwa muganga atabasha kuvuga ngo ababwire neza uko byagenze.

Ati: "Nyina w'uwo mukobwa yabanje kuvuga ko yabonanye umukobwa we n'uwo musore kandi abakwe be baramubujije, arabahamagara baje baramuhondagura, bamukura ariya menyo. Abonye ibintu bitangiye gukomera, ntacyo agaragaza mu by'ukuri abakwe be bajijije uwo musore na we ushobora kumubera umukwe, ahindura imvugo."

Yakomeje ati: "Mu guhindura imvugo, yavuze ko umusore yaje gusura uwo mukobwa we bakajya kuganirira mu cyumba cy'umukobwa, umukobwa akamusigamo akajya haruguru hafi y'umuhanda kwanika isambaza, umukecuru yinjira mu nzu yumva mu cyumba cy'umukobwa harimo umuntu, agira ngo ni umujura, atabaza abakwe be baraza bamukubita bamwitiranya n'umujura kugeza bamukuye amenyo."

Avuga ko iyi mvugo ya kabiri y'uyu mukecuru yafashwe nk'amatakirangoyi kuko uyu musore basanzwe bamuzi neza ko ari umuturanyi wabo, inshuti n'umunyeshuri wigana n'umukobwa wabo.

Ati: "Dutegereje ko umusore yoroherwa akajya gutanga ikirego kuri RIB, ibindi bikazasobanuka kuko nk'abaturage tubona uyu musore yahohotewe bikabije."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kagano, Mukamusabyimana Marie Jeanne, yemeza ikubitwa n'ikomeretswa ry'uyu musore, ko ari gukurikiranwa n'abaganga ngo harebwe niba nta bundi busembwa bamusigiye.

Yavuze kandi ko abamuhohoteye bagishakishwa batarafatwa, ati: "Igihari ni uko umusore yakubiswe akanakurwa ayo menyo, azizwa uwo mukobwa bigana, bivugwa n'abaturage ko ari inshuti ye yari yasuye iwabo mu rugo. Abamuhohoteye bahise bacika turacyabashakisha, ibindi tuzabimenya bafashwe cyangwa umusore yorohewe akaduha amakuru neza, kuko kugeza ubu ibyo bamujijije babivuga kwinshi."

Yasabye abaturage kwirinda urugomo no gushaka kwihanira kuko bibujijwe, ugize icyo apfa n'undi bakegera ubuyobozi bugakemura ikibazo iyo gihari aho guhohoterana bigeza ku gukomeretsanya.



Niyonsenga Léon w'imyaka 23 wakubiswe akanakuka amenyo 3

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Makanyaga wize ubusuderi yahishyuye ibanga ryo gukora indirimbo zidasaza



Umuhanzi Makanyaga Abdoul yasobanuye ko icyo ukunda ugikora neza kigakundwa

Muteterazina Shifah

***Izina Makanyaga Abdoul ryabaye ikimenyabose mu ruhando rwa muzika nyarwanda ahanini bitewe n'ibikorwa bidasanzwe byiganjemo indirimbo zakunzwe n'abatari bake yaririmbye mu bihe byashize, ariko zikaba zigicurangwa kandi zikunzwe nk'izaraye zisohotse.***

Burya koko Umunyarwanda yabivuze ukuri ko icyo uzaba ntaho kijya, kuko kigukurikirana aho uri hose kandi ubuzima bwose.

Ibi rero ni nako byagenze kuri uyu muhanzi umaze imyaka irenga 50 mu muziki, wize ibijyanye n'ubusuderi ariko nyuma akisanga mu muziki.

Makanyaga avuga ko umuziki yawutangiye mu 1967, ubwo yari afite imyaka 20, nyuma akaza kujya kuwiga mu ishuri ry'abazungu ryakoreraga kuri Stade Amahoro mu 1990.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na Imvaho Nshya, Makanyaga yayitangarije ko nubwo akora umuziki atari wo mwuga yari yarize, ahubwo yize ubusuderi mu ishuri rya ETO Kicukiro, ariko urukundo yakundaga umuziki rugatuma abutera umugongo akiyegurira umuziki.

Ati: "Nkiri muto munsi y'imyaka umunani, nakundaga kuririmba, nkabwira data ko nzaririmba, ngakunda umuhanzi witwaga 'Windu Kurusui' papa aza kunjyana mu Burundi mu gitaramo cye kumureba.

Nahavuye icyo gihe mpakuye umwanzuro w'uko ngomba kuzaririmba, data aza kwitaba Imana ntaragira ubushobozi bwo kubyifashamo, ariko mu 1967 nza gutangira kubyiga, icyo gihe nari maze kuba umusore w'imyaka 20."

Makanyaga avuga ko nubwo abenshi bamuzi nk'umuhanzi ariko yatangiye kuririmba asa nk'uwishimisha, atari byo yari yarize.

Ati:" Nshobora kuba narabigize umwuga ariko ubundi si wo mwuga nakoraga, ahubwo ni uko nabikundaga, nari nsanzwe nkora akazi ko gutunganya ibyuma, narabyize muri Eto Kicukiro."

Yatangiye acurangira mu rugo, aza kujya kubyiga ku mu padiri wabyigishirizaga ku ishuri rya Saint André, wari warashinze itsinda ryitwaga Les Copains.

Avuga ko uwo muzungu yaje kugenda akabisigira undi, nawe waje kugurisha ibyo byuma n'ubuyobozi bwa Camp Kigali.

Ati:" Camp Kigali baguze ibyo byuma na Orchestra y'abaririmbyi bari basigaye, bamwe muri bo babivamo bavuga ko batariririmbana n'abasirikare.

Abasigayemo baje kundeba, barambwira bati ko abenshi bagiye waje tukareba ko washobora kuririmba, naragiye barangerageza, ndirimba indirimbo eshatu babona mbishoboye, uwo munsi ni bwo natangiye urugendo rwo gucuranga muri Orchestra mbona amafaranga."

Agaruka ku mpamvu indirimbo ze zidasaza, Makanyaga avuga ko nta banga ridasanzwe umuhanzi akenera mu nganzo ye uretse ikinyabupfura.

Ati: "Twebwe kera nk'iyo ba Rugamba Cyprien batugiraga inama, baratubwiraga ngo niba ugiye kuvuga umukunzi muvuge ku buryo nuzavuka ejo n'ejo bundi yumve yavuga iryo jambo."

Akomeza agira ati: "Ikintu cyose gikoranywe ikinyabupfura ntikibura gutungana, hari abaririmba indirimbo zirimo nk'amagambo ateye isoni cyangwa asebya bagenzi babo, ni byiza ko uhanga ukibanda ku bakumva kuko buri wese aba azakumva ku giti cye."

Makanyaga asanga guhanga bidasaba kwiyahuza ibiyobyabwenge kuko iyo bikozwe birangira nabi.

Ati: "Guhanga ntabwo ari ukugenda ngo ufate ibiyobyabwenge ugotomere ujye kubwira abantu amagambo, kuko uzababwira amagambo adakwiye. Kuva kera bari bahari bagiye barangira batyo kubera ibyo banywaga."

Makanyaga asanga ikinyabupfura no gukora utinuba cyangwa ngo ukenere inyungu zihutiyeho ari yo nkingi ya mwamba mu gukora umuziki mwiza kandi uramba.

Makanyaga Abdoul azwi mu ndirimbo zitandukanye zirimo Hashize iminsi, indwara y'umutima, Urukundo, Ibiterezo n'izindi nyinshi zuje amagambo y'urukundo, afasha abatari bake mu gutanga ubutumwa bw'urukundo ku bakunzi babo.



Umuhanzi aba agomba guhimba ibidasaza, bizahora bisa nk'aho ari bishya





# Igikombe cya Afurika kigiye kujya gukinwa nyuma y'imyaka ine

Shema Ivan

***Impuzamashyirahamwe y'Umupira w'Amaguru muri Afurika CAF, yatangaje ko nyuma y'irushanwa rizaba mu 2027, Igikombe cya Afurika kizajya kiba buri myaka ine kuva mu 2028.***

Byagarutsweho na Perezida wa CAF, Patrice Motsepe i Rabat muri Moroc, ku wa Gatandatu, tariki ya 20 Ukuboza 2025.



Guhera mu 2028, igikombe cya Afurika kizajya gikinwa nyuma y'imyaka ine

Ubusanzwe iri rushanwa riruta andi gukomera muri Afurika ryakinwaga nyuma y'imyaka ibiri kuva mu 1968, gusa mu 2012 na 2013 cyabaye mu mwaka umwe.

Perezida Motsepe yavuze ko izi mpinduka zari zikenewe mu mupira w'amaguru muri Afurika.

Yagize ati: "Dufite uburyo bushya bwo gukina irushanwa ry'Igikombe cya Afurika. Ibyo nkora ni mu nyungu za Afurika. Ingengabihe ikwiriye guhinduka kandi ikaba irimo ibintu byinshi."

Mu Izi mpinduka, uyu muyobozi yatangaje ko guhera mu 2029 hazatangira irushanwa rishya ry'ibihugu ryiswe 'African Nations League'.

Igikombe cya Afurika kizongera gukinwa mu 2032.

# Abasifuzi 18 b'Abanyarwanda bashyizwe ku rwego Mpuzamahanga rwa 2026

SHEMA Ivan

***Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA), ryemeje ko abasifuzi 18 b'Abanyarwanda bari ku rutonde rw'abasifuzi mpuzamahanga rwa 2026.***



Akimana Juliette uri mu bari kwitwara neza, yongeye kwisanga ku rutonde rwa FIFA

Ni amakuru yashyizwe ahagaragara n'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA), ku wa Gatandatu tariki ya 20 Ukuboza 2025.

Ubusanzwe mu mpera z'umwaka, FIFA isohora urutonde rw'abasifuzi baba bari ku rwego mpuzamahanga, aho hari ababa bavanywemo cyangwa abarwongeweho.

Kuri iyi nshuro, kuri urwo rutonde u Rwanda rufitemo abasifuzi 18 barimo abagabo 11 n'abagore barindwi.

Mu bagabo harimo Uwikunda Samuel, Ishimwe Jean Claude, Twagirumukiza Abdoul Karim, Rurisa Patience Fidele, Nsabimana Celestin, Ishimwe Didier, Mugabo Eric, Karangwa Justin, Ndayisaba Saidi Hamisi na Habumugisha Emmanuel.

Abagore ni Umutoni Aline, Byukusenge Henriette, Umutesi Alice, Akimana Juliette, Murangwa Usenga Sandrine na Mukayiranga Regine.

Kuri uru rutonde hariho kandi Mukansanga Salim Rhadia usanzwe ari umwe mu bazi gukoresha Ikoranabuhanga ry'Amashusho (VAR Video Assistant Referee).



Rurisa Patience Fidèle na we ari mu basifuzi Mpuzamuhanga ba FIFA



Twagirumukiza Abdoul Karim uri mu bamaze igihe yongeye kwisanga mu rutonde rw'abasifuzi mpuzamahanga



Umutoni Aline mu Banyarwandakazi babiri basifura hagati bari ku rutonde rwa FIFA



Uwikunda Samuel yongeye gushyirwa ku rutonde rw'abasifuzi Mpuzamahanga ba FIFA 2026

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-44 TARIKI 16 - 22 UKUBOZA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Maroc yatangiye CAN 2025 itsinda Comoros



**Rutahizamu Ayoub El Kaabi yatsinze igitego yigaramye**

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu ya Maroc yatangiye neza Igikombe cya Afurika cya 2025 (CAN), itsinda iya Comoros ibitego 2-0 imbere y'imbaga y'abafana bayo mu mukino ufungura irushanwa.***

Ni umukino wabaye mu ijoro ryo ku Cyumweru tariki ya 21 Ukuboza 2025, ubera kuri Complexe Sportif Prince Moulay Abdellah yakira abafana ibihumbi 69.500.

Saa tatu z'ijoro ni bwo umusifuzi ukomoka muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), Jean-Jacques Ndala, yatangije umukino ku mpande zombi.

Maroc ni yo yatangiye neza umukino isatira cyane bidatinze ku munota wa cyenda, yabonye penaliti ku ikosa Kenan Toibibou yakoreye Brahim Diaz mu rubuga rw'amahina.

Iyi penaliti yatewe na Soufiane Rahimi, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Yannick Panador.

Iyi kipe yakomeje kurusha cyane Comoros ariko ikagorwa no kumenera mu bwugarizi bw'iyi kipe bwahagararaga neza.

Mu minota 35, amakipe yombi yakiniraga cyane mu kibuga hagati nta kipe irema uburyo bukomeye bwo gutsinda.

Ku munota wa 42, Maroc yibwiraga ko ibona penaliti ku ikosa Ahmed Soilih yakoreye kuri Brahim Diaz ariko VAR yemeza ko nta kosa ryabaye.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu gice cya kabiri, Maroc yakomeje gusatira izamu rya Comoros harimo uburyo bwiza bwahushijwe na Neil El Aynaoui ku mupira yateye ari imbere y'izamu ku bw'amahirwe make uca ku ruhande.

Ku munota wa 55, Maroc yafunguye amazamu ku mupira mwiza wahinduwe na Mazraoui usanga Brahim Diaz wari uhagaze neza awushyira mu rushundura.

Ku munota wa 58, Camoros yahushije uburyo bwo kwishyura igitego ku mupira wazamukanywe na rutahizamu Rafik Said awuteye ishoti rikurwamo n'umunyezamu Yasin Bono.

Ku munota wa 63, Maroc yabonye uburyo bwo gutsinda igitego cya kabiri ku ishoti rikomeye ryatewe na Mazraoui ari hanze y'uburuga rw'amahina, umupira ukurwamo n'umunyezamu Yannick Pandor.

Ku munota wa 64, Umutoza wa Maroc Walid Regragui, yakoze impinduka ebyiri Abdesamad na Ayoub El Kaabi basimbura Azzedeni Ounahi na Soufiane Rahimi.



**Igikomangoma cy'u Bwami bwa Maroc, Moulay Hassan na Perezida wa FIFA, Gianni Infantino mu bitabiriye umukino ufungura irushanwa rya CAN 2025**

Izi mpinduka zatanze umusaruro kuko ku munota wa 74, rutahizamu Ayoub El Kaabi yatsinze igitego cya kabiri ku mupira yateye agaramye, umunyezamu ananirwa gukuraho umupira uruhukira mu izamu.

Umukino warangiye Maroc itsinze Comoros ibitego 2-0, itangira neza igikombe cya Afurika cya 2025.

Umukino ukurikiraho muri iri tsinda urakinwa kuri uyu wa Mbere tariki ya 22 Ukuboza, hagati ya Mali na Zambia.

Si iri tsinda rikina gusa kuko na Afurika y'Epfo ikina na Angola naho Misiri ikine na Zimbabwe mu Itsinda B.



**Abafana bari benshi muri Prince Moulay Abdellah Stadium**